# Amabwiriza ku bigisha

## Igihe cya Bibiliya Ibyiciro 3 na 4

Ibyigwa A
Amasomo 7-12

www.besweb.com

## Bible Educational Services

Registered Charity UK (No 1096157)

**Icyo tugamije**
Gusohora Inyigisho za Bibiliya Kubazifuza no guhuza ukuri kwa Yesu Kristo kubigihe kizaza kwisi hose.

**Iyerekwa**
Kugeza kubigihe kizaza inyigisho zacu zose ziri mundimi zabo bwite mukuzamura no gufasha abafatanya bikorwa bose babyiyemeje.

## KUMENYESHWA MURI RUSANGE

**Icyo 'Bible Educational Services' ikora:**

Bible Educational Services (BES) yandika amasomo ya Bibiliya mu Cyongeleza yitwa Bibletime ('Igihe cya Bibiliya), "New Life" na "Gleaners" kandi igashyigikira amashuli ya Bibiliya mu buryo bw'itumanaho n'indi miryango ikoresha amasomo ya BES mu Bwongeleza no mu bindi bihugu, ikabikora mu kubasura, ku mbuga nkoranyambaga, inama n'amahugurwa. BES kandi ubu ikora mu bufatanye n'amatsinda ari mu bindi bihugu, ahindura kandi agatunganya kandi agatanga amasomo. Amasomo agomba gutangirwa ubuntu ku banyeshuli bose.

Amasomo Igihe cya Bibiliya yakoreshejwe bwa mbere muri Irlande y'Amajyepfo hashize imyaka irenga 50. Bible Educational Services ni yo itanga uburenganzira bwo gukoresha amasomo Igihe cya Bibiliya mu Cyongeleza no mu ndimi zindi zose. Amasomo Igihe cya Bibiliya ubusanzwe yanditswe ku mpapuro A4 bifasha abanyeshuli ahantu aha n'aha, kuba buri byumweru bine bahereza izo mpapuro ah'ishuli rya Bibiliya rikorera ngo bakosorwe. Turashimira 'Every Home Crusade (Revival Movement) i Belfast, ko vuba aha yasohoye amasomo ku mezi atandatu mu mpapuro A5, akoreshwa mu matorero no mu mashuli ku buryo bworoheje, by'umwihariko aho imikorere y'i posita itameze neza.

Amasomo ya BES arihariye kuko yateguriwe kwigwa mu rugo cyangwa mu itsinda (Itorero / Ishuli), agakurikira urutonde rwateguwe rutuma abanyeshuli bazakomeza kwiga kugera ku myaka 20. Hari ibyiciro bitanu by'amasomo bikurikiza imyaka y'abagize itsinda ari byo: incuke; imyaka 5-7; imyaka 8-10; imyaka 11-13; imyaka 14-16. Kuri buri tsinda ry'imyaka hari urutonde ku myaka itatu (reba p 4). Imyaka yo kujya mu itsinda iri n'iri ishobora guhinduka hakurikijwe ubushobozi bw'umuntu. Ibikoresho bigenewe Igihe cya Bibiliya biha abana umwanya wo kwiga Ijambo ry'Imana, kwiga Inkuru za Bibiliya no guhangana n'ibigoye bijyana n'Ubutumwa Bwiza mu mibereho yabo.

Amasomo yanditse wayabona mu Cyongeleza urebye ku rubuga BES: www.besweb.com cyangwa ukabaza mu bunyamabanga bukuru. Amasomo aboneka kandi ku mbuga nkoranyambaga mu zindi ndimi. BES ifite ibitabo bishobora kugufasha niba ushaka kuba umufatanyabikorwa wacu. Ibyo bitabo nabyo wabisanga ku rubuga nkoranyambaga.

## Aho wabariza BES

**UK (Northern Ireland) Office (stockist of all English lessons)**
37a Belmore Street, Enniskillen, Northern Ireland BT74 6AA
Simu: +44 286 632 2462

**UK Secretary**
Mr Stephen Gillham
Email: stephen.gillham@besweb.com

**Web address:** www.besweb.com
**Email address:** info@besweb.com

**Aho wabariza BES mu Rwanda**
Pastor: Mbanzabugabo M. Aminadab
Email: aminambanza@yahoo.fr
Phone: +250786625297

## AMABWIRIZA KU BIGISHA

Mu ntangiriro, amasomo 'Igihe cya Bibiliya' yakorewe gukoreshwa mu buryo bw'i Posita y'ishuli rya Bibiliya, ariko amasomo yakomeje kwiyongera no gukoreshwa aho ubwo buryo butari, by'umwihariko mu matorero no mu mashuli yo muri Afurika, mu Buhinde n'ahandi. Amabwiriza ku bigisha yateguriwe abakoresha inyigisho 'Igihe cya Bibiliya' bo mu miterere nk'iyo. Amabwiriza ku bigisha ari muri aka gatabo agenewe gukoreshwa ku byiciro 3 na 4 by'amasomo ku bana bafite imyaka 11–16

Buri bwiriza ryo kwigisha rikurikiza imirongo ya Bibiliya itangwa no mu isomo 'Igihe cya Bibiliya'. Amasomo 'Igihe cya bibiliya n'amabwiriza byagenewe gukoreshwa ku rufatiro rwa buri cyumweru. Amasomo yo mu kwezi kwa kane ajyana ku bya Pasika naho amasomo yo mu kwezi kwa cumi na kabiri akajyana ku bya Noheli.

Bamwe mu bakoresha amasomo yanditse ku mpapuro A4 buri cyumweru, abandi bagakoresha udutabo A5 turimo amasomo 24. Ubusanzwe uwigisha cyangwa umuyobozi azatanga amasomo A4 ya buri kwezi, kandi buri cyumweru isomo rizigwa mu itorero cyangwa mu ishuli, cyangwa rikorerwe mu rugo nyuma rigarurwe mu cyumweru gikurikiraho. Ku mpera z'ukwezi uwigisha cyangwa umuyobozi azakusanya amasomo maze ayakosore, yohereze vuba amasomo ku banyeshuli.

Ibyiza byaba ugukoresha udutabo, maze nyuma ya buri cyiciro, udutabo tugakusanwa maze tugakosorwa. Ariko tubona kenshi bidashoboka. Biryo rero mu ishuli udutabo dushobora kusaranganywa abanyeshuli, maze uwigisha cyangwa umuyobozi bagakosora amasomo mu gihe abanyeshuli bagenda batanga amanota ku mpapuro za bagenzi babo. Mu gatabo hari umwanya wagenewe amanota kuri buri somo ry'ukwezi, n'uwmwanya wo kuvuga uko umunyeshuli atera imbere. Hari kandi impamyabumenyi itangwa ku munyeshuli yerekana amanita umunyeshuli yagize kw'ijana mu gihe cy'amezi atandatu cy'amasomo.

## UGUTEGURA KW'ABIGISHA

Ntabwo dushaka gutanga amahame adaha umwanya abigisha ngo bakore ibintu mu buryo bwabo no mu buryo batekereza gukora. Ibikurikira n'ibyo tubabwira bishobora kubafasha mu gukoresha ibikoresho by''Igihe cya cya Bibilliya'.

- **Kuba uzi neza inkuru:** Abigisha bagomba kuba uko bishoboka bazi inkuru ya Bibiliya n'isomo Igihe cya Bibiliya rijyana n'iyo nkuru. Ibyiza n'uko uwigisha aba yarize iryo somo mbere. Amabwiriza kuri buri somo nayo akaba yaritondewe mu myiteguro ifasha ayo masomo.
- **Gusobanukirwa amasomo agomba kwigwa:** ku mutwe w'integuro ya buri somo uzabona amagambo. 'Tugiye kwiga ko' akurikiwe n'ibitekerezwa kwigwa bibiri ibyo abana bazaba basobanukiwe nyuma yo kumva ibyo uwigisha yababwiye mu kwiga isomo 'Igihe cya Bibiliya'. Icya mbere kigamijwe mu kwiga ni ugukoresha ubumenyi bw'iyo nkuru, icya kabiri ni ugushishikariza abana gutekereza ku bumenyi bakabukoresha bashaka ibisubizo. Ibyo bitekerezwa ku kwiga ni ibivugwa neza by'ingenzi ku kuri kwigishwa mu isomo kandi abigisha bashobora kuba babikoresha mu isuzuma ryabo ku nyigisho n'ubumenyi bwatanzwe.
- **Gutangira:** ku masomo yose, dutangirira aho abana bafite inararibonye zabyo. Twatanze inzira zinyuranye zishobora gukoreshwa mu gutangiza inkuru mu buryo butuma abana bagira uruhare mu kugira icyo bavuga ku ngingo itangira inkuru.
- **Kwigisha:** twatanze ingingo z'ingenzi mu nkuru. Twiringira ko abigisha batazazisubiraho mu gihe batanga inkuru, ahubwo bazimenyereza inkuru kugira ngo bashobore kuyigisha mu buryo bwiza kandi bufasha. Uwigisha azashaka ko abana bumva amasomo y'ingenzi ari mu nkuru kandi abafashe gusobanukirwa icyo byabamarira kumenya iyo nkuru. Mu nshingano zacu twagerageje kubariza ibisobanuro bimwe biri mu nkuru itanzwe. Buri gihe ibyo byanditse mu mukono UBERAMYE.
- **Kwereka:** Turemera ko mu mi miterere imwe n'imwe kwereka bizagorana ariko aho bishoboka ni ngombwa kwerekana amashusho, kujyana ku bintu bifatika kugira ngo bifashe gusobanukirwa inkuru. Ibyerekanwa bifasha mu buryo bukomeye mu gutanga inkuru. Aho bikwiriye muri buri somo twatanze amakuru ku by'amashusho wakura ku rubuga www.freebibleimages.org (FBI). Imbunga nkoranya mbaga zitandukanye wazisagaho amashusho y'igihe cya bibiliya ibyiciro byose ku buntu cyangwa wana zohererezwa binyuze kuri email kubiro bikuru bya BES. Aho ushobora kubona icyuma gifotora, amwe mu mashusho ari muri Bibiliya wayafotora ukayakoresha mu kwigisha uyagize manini, uyasize amabara.

- **Kwiga:** Hari umurongo w'ingenzi ujyana na buri nkuru. Rimwe na rimwe haboneka imirongo ibiri, kuko twongeraho undi murongo w' ingenzi uzorohereza abana kumenya. Twiringira ko abana bashobora kwiga imirongo y' ingenzi kandi bakayibutswa buri gihe uko bishoboka kugira ngo batangire bubakire ubumenyi kuri iyo mirongo ya Bibiliya y'ingenzi.
- **Kubyuzuza:** Mu miterere y'ishuli uzamenya ubushobozi bw'abana bwo kuzuza imikoro n'ibyo uwigisha agomba kugira mu kubafasha. Kuri bamwe, bizaba ngombwa ko uwigisha asoma igice cy'isomo mu gihe abana bamukurikira bityo bakamenyera ibivugwa. Abandi bana bashobora ubwabo kwisomera isomo. Ibyo ari byo byose, hari igitekerezo cyo gukangurira abana kwita ku mabwiriza runaka ajyana ku bibazo. Niba ukoresha Igihe cya Bibiliya bitari mu buryo bw'ishuli, ni ngombwa kuba witeguye gufasha kugira ngo bitabonwa ko nta kamaro, cyangwa ko ari ukwisuzuma gusa. Bizanezeza umuntu kandi bimutere umwete ndetse byishimirwe mu gukora ikintu uwo muntu azi ko ari ingira kamaro.
- **Gusubiramo:** Uko bishoboka twatanze amahurizo, n'ibifasha kwiga, nk'uburyo bwo gusubiramo inkuru.
- **Mu bikorwa:** Iki gice kijyana n'inyito, ni gute isomo riduhata, kandi nanone kigatanga ibitekerezo bishoboka byo gukora mu itsinda cyangwa by'uburyo umuntu yakwitwara mu by'ingorabahizi by'isomo.

## Kwigisha Umurongo w'Ingenzi

1) Umurongo uzandikwa ku rupapuro cyangwa ku kibaho, hagende hakurwamo amagambo amwe amwe, abanyeshuri nabo bagende basubiramo kuwusoma kugeza ubwo amagambo yose akurwamo, bagasoma batawureba.
2) Gutanga Umurongo w'Ingenzi ukoresha:
   a) Uburyo bwa Hangman mu matsinda abiri – inyuguti izi n'izi – umwanya umurongo w'ingenzi utangwa izo nyuguti zikuwemo – abana bahitamo inyuguti bashaka kugeza ubwo hari umwe amenya wa murongo.
   b) Urusobe rw'imirongo muri Bibiliya ruraboneka, maze imbaga y'abana bagashaka uwo murongo, uwubonye agasoma cyane.

## Igena gihe

- **Gahunda.** Twakomeje gahunda imwe mu mabwiriza ku kwigisha buri somo ariko bizaba iby'ubushake bw'abigisha kuba bahindura iyo gahunda igihe iki n'iki.
  1. Gutanga no kuvuga inkuru – byafata iminota 15
  2. Kwigisha umurongo w'Urufunguzo – Iminota 5 -10
  3. Kuzuza urupapuro rw'umukoro – iminota 20
  4. Ibibazo n'ibindi - iminota 5 -10

Ibuka iyi mvugo ikomeye ngo:

"Mbwira ariko nshobora kwibagirwa,
Nyereka kandi nzabyibuka,
bimpemo uruhare nibwo nzabyumva"

## Urutonde rw’ibyigwa by’Igihe cya Bibiliya

| | ICYICIRO 0 (Incuke)<br>ICYICIRO 1 (Imyaka 5-7)<br>ICYICIRO 2 (Imyaka 8-10) | ICYICIRO 3 (Imyaka 11-13) | ICYICIRO 4 (Imyaka 14+) |
|---|---|---|---|
| IBYIGWA BIBANZA | Isomo ribanza - Gut | Isomo ribanza - Gut | Isomo ribanza - Gut |
| IBYIGWA A | 1. Iremwa<br>2. Nowa<br>3. Petero<br>4. Petero - Umusaraba<br>5. Aburahamu<br>6. Aburahamu<br>7. Petero<br>8. Petero<br>9. Yakobo<br>10. Abakristo ba mbere<br>11. Pawulo<br>12. Inkuru ya Noheli | 1. Iremwa<br>2. Nowa<br>3. Petero<br>4. Petero - Umusaraba<br>5. Petero<br>6. Aburahamu<br>7. Yakobo<br>8. Gusenga<br>9. Pawulo<br>10. Pawulo<br>11. Pawulo<br>12. Inkuru ya Noheli | 1. Iremwa no kugwa<br>2. Iterambere - Itangiriro<br>3. Petero<br>4. Petero - Umusaraba<br>5. Petero<br>6. Aburahamu<br>7. Yakobo<br>8. Imibereho Gikristo<br>9. Pawulo<br>10. Pawulo<br>11. Pawulo<br>12. Inkuru ya Noheli |
| IBYIGWA B | 1. Ubuto bwa Kristo<br>2. Ibitangaza<br>3. Betaniya<br>4. Umusaraba<br>5. Imigani<br>6. Yosefu<br>7. Yosefu<br>8. Abahuye na Yesu<br>9. Mose<br>10. Mose<br>11. Mose<br>12. Inkuru ya Noheli | 1. Imigani<br>2. Ibitangaza<br>3. Betaniya<br>4. Umusaraba<br>5. Abakristo ba mbere<br>6. Yosefu<br>7. Yosefu<br>8. Abanditse Ubutumwa<br>9. Mose<br>10. Mose<br>11. Mose<br>12. Inkuru ya Noheli | 1. Imigani<br>2. Ibitangaza<br>3. Betaniya<br>4. Umusaraba<br>5. Abakristo ba mbere<br>6. Yakobo n’umuryango we<br>7. Yosefu<br>8.Ibyakozwe 2:42 - Inzira<br>9. Mose<br>10. Mose<br>11.Amategeko<br>12. Inkuru ya Noheli |
| IBYIGWA C | 1. Daniyeli<br>2. Ibindi bitangaza<br>3. Abahuye na Kristo<br>4. Urupfu rwa Kristo<br>5. Rusi na Samweli<br>6. Dawidi<br>7. Dawidi<br>8. Yosuwa<br>9. Eliya<br>10. Elisa<br>11. Yona<br>12. Inkuru ya Noheli | 1. Daniyeli<br>2. Abahuye na Kristo<br>3. Ibindi bitangaza<br>4. Urupfu rwa Kristo<br>5. Rusi<br>6. Samweli<br>7. Dawidi<br>8. Yosuwa<br>9. Eliya<br>10. Elisa<br>11. Bakoreshejwe n’Imana- I K<br>12. Inkuru ya Noheli | 1. Daniyeli<br>2. Ibyo Yesu yavuze<br>3.Ububasha bw’Umwami<br>4. Urupfu rwa Kristo<br>5. Rusi<br>6. Samweli<br>7. Dawidi<br>8. Yosuwa<br>9. Eliya<br>10. Elisa<br>11. Indi miterere y’I K<br>12. Inkuru ya Noheli |

| | A7 – ICYICIRO 3<br>Isomo 1 – Ubuzima bwa Yakobo<br>Icyigwa – Umuriganya | A7 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 1 – Ubuzima bwa Yakobo<br>Icyigwa – Umuriganya |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 25:21-34 na Itangiriro 27:1-29***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Zaburi 32:1***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Imana ishobora kutubabarira iyo dukoze icyaha.<br>2. Imana ishaka guha umugisha buri wese muri twe. | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 25:19-34 na Itangiriro 27:1-41***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Abaroma 5:8***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Kuriganya biteza imvururu n'agahinda.<br>2. Imana ifitiye umugambi ubuzima bwa buri wese, ndetse n'ubuzima nk'ubwa Yakobo. |
| **KUBITANGIRA** | Muvuge icyo ibishuko ari cyo, ni ryari dushukwa cyane ngo tubeshye. Kora urutonde rw'aho dushobora kubeshya muvuge n'impamvu. Kandi muvuge ku kugira ishyari, aho Ishyari rituruka, n'impamvu dushobora kugira ishyari. | Tugomba kwemera ingaruka z'ibikorwa byacu. Bisanishe n'imibereho yawe bwite, urugero ni ryari uzi wagiranye ibibazo n'umuntu byenda mukajya kuri polisi kuko habayeho kuriganya? Reba ko kwica amategeko (ibyaha) bihanirwa. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Nyuma ko Isaka asenze, Rebeka yabyaye impanga, Esawu avuka mbere akurikirwa na Yakobo.<br>2. Habaho gutonesha iwabo; Isaka agakunda Esawu w'umuhigi naho Rebeka agakunda Yakobo wirirwa mu rugo.<br>*3. Sobanura akamaro ko kuba imfura mu Burasirazuba bwo hagati kera.*<br>4. Esawu yagiye guhiga aza ashonje; Yakobo yari akaranze imboga, avuga ko ahaho mwene se naweari uko amuhaye ubutware bwe.<br>5. Isaka ashaje, ashaka guha umugisha umuhungu we mukuru, ariko Rebeka na Yakobo bagambanira kubeshya Isaka utabonaga. Ubwo Esawu yari yagiye gushakira se umuhigo, Rebeka na Yakobo bateka vuba, Yakobo yihinduranya kuba Esawu, maze ahabwa umugisha na se nk'umuhungu mukuru.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 1.**<br>**Erekana: FBI – Esawu agurisha ubutware na Yakobo, Yakobo ariganya Esawu (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Nyuma ko Isaka asenze, Rebeka yabyaye impanga, Esawu avuka mbere akurikirwa na Yakobo.<br>2. Habaho gutonesha iwabo; Isaka agakunda Esawu w'umuhigi naho Rebeka agakunda Yakobo wirirwa mu rugo.<br>*3. Sobanura akamaro ko kuba imfura mu Burasirazuba bwo hagati kera.*<br>4. Esawu yagiye guhiga aza ashonje; Yakobo yari akaranze imboga, avuga ko ahaho mwene se nawe ari uko amuhaye ubutware bwe.agaragaza ububi bwe n'uko yikunda.<br>5. Isaka ashaje, ashaka guha umugisha umuhungu we mukuru, ariko Rebeka na Yakobo bagambanira kubeshya Isaka utabonaga. Ubwo Esawu yari yagiye gushakira se umuhigo, Rebeka na Yakobo bateka vuba, Yakobo yihinduranya kuba Esawu, maze ahabwa umugisha na se nk'umuhungu mukuru.<br>*6. Muvuge kuri uru rugero rwo kuriganya kandi usobanure akamaro ko kuba indahemuka.*<br>7. Esawu agarutse arakaye asaba ko se amuha umugisha ariko byari byarangiye. Yari yatakaje ubutware bwe n'umugisha we.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 1.**<br>**Erekana: FBI – Esawu agurisha ubutware na Yakobo, Yakobo ariganya Esawu (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Tekereza ku byaha Yakobo yakoze muri iri somo. Ni ibihe byaha dukeneye kubabarirwa? Mutekereze muri rusange na buri muntu.<br><br>Mukore urutonde rw'ibisubizo byinshi by'abanyeshuli. Murebe uko twasaba Imana imbabazi ndetse no kubabarirwa n'abandi. Soma ***Zaburi 32:1-5*** bigufashe. | Reba ukuntu Esawu yamerewe abonye yariganijwe kandi yabeshywe na mwene se na nyina..<br><br>Tekereza ku gihe waba waragize ibibazo kuko wariganije cyangwa wabeshye maze wandike uburyo bubiri uzagerageza kubaho mu buryo bunyuranye n'ubwo. |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Andika ku rupapuro bimwe mu byaha wakoze maze urutabagure ubundi urujugunye mu gitebo cy'imyanda. Nanone kandi wandike ibyaha bimwe mu mucanga cyangwa mu mukungugu hasi nyuma ubihanagure. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Reba imigambi Imana yari ifitiye Yakobo kandi ishobora kuba ifitiye ubuzima bwawe bishingiye kuri Bibiliya nka ***Yeremiya 29:11***.<br>2. Bwira Imana ikwereke ahazaza hawe kurushaho.Wumve ko bizagenda neza. |

| | A7 – ICYICIRO 3<br>**Isomo 2 – Ubuzima bwa Yakobo**<br>**Icyigwa – Uwarose** | A7 – ICYICIRO 4<br>**Inyigisho 2 – Ubuzima bwa Yakobo**<br>**Icyigwa – Uwarose** |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 27:41-46 na Itangiriro 28:10-22***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Itangiriro 28:16***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Nubwo Yakobo yakoze nabi, Imana yakomeje kuba hamwe nawe no kumukunda cyane.<br>2. Ibyo byavugwa no kuri twe. | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 27:41-46 na Itangiriro 28:10-22***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Itangiriro 28:16***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Nubwo Yakobo yagiye ateshuka, hari ukuntu yahuye n'Imana bitangaje, ikamuha amasezeranao mu buzima bwe.<br>2. Buri gihe Imana idufata nk'uko yafashe Yakobo. |
| **KUBITANGIRA** | Reba ukuntu Imana igenga ubuzima bwacu mu byo twakora byose! Tekereza uburyo dushobora kuvugana n'abandi, maze urebe ko Imana ijya itubwira mu buryo bunyuranye. Bwira abana batekereze ku buryo Imana itubwira muri ibi bihe. | Saba abana gusangira inararibonye y'igihe umuntu wizera Imana yaba yarakorewe ikintu gitangaje bimutunguye.<br>Ese tugomba kuba turi intungane kugira ngo dukorerwe ikintu nk'icyo? |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Esawu atekereza kwica Yakobo, ubwo se azaba amaze gupfa. Rebeka abwira Yakobo kujya kwibera kwa nyirarume Labani kugeza ubwo umujinya wa Esawu uzaba washize.<br>2. Isaka aha umugisha Yakobo amwohereza kujya i Padanaramu.<br>3. Yakobo nijoro asinziriye ararota. Abona urwego rugera mu ijuru. Imana iramuvugisha imusezeranya kumuha igihugu n'umuryango uzakiragwa, kandi ko izabana nawe mu rugendo rwe.<br>4. Yakobo akangutse aho hantu ahita Beteli, bisobanura Inzu y'Imana.<br>5. Yakobo ahiga umuhigo ku Mana. Niba Imana izamurinda, nawe Uwiteka azaba Imana ye!<br>6. Reba amasomo twakwigira ku gihe Yakobo yari i Beteli.<br>7. Jya impaka usobanura igitekerezo cy'urukundo Imana ikunda Yakobo ariko yanga icyaha.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 2.**<br>**Erekana: FBI – Imana ibwira Yakobo mu nzozi (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Esawu atekereza kwica Yakobo, ubwo se azaba amaze gupfa. Rebeka abwira Yakobo kujya kwibera kwa nyirarume Labani kugeza ubwo umujinya wa Esawu uzaba washize.<br>2. Isaka aha umugisha Yakobo amwohereza kujya i Paddan Aram.<br>3. Yakobo nijoro asinziriye ararota. Abona urwego rugera mu ijuru. Imana iramuvugisha imusezeranya kumuha igihugu n'umuryango uzakiragwa, kandi ko izabana nawe mu rugendo rwe.<br>4. Yakobo akangutse aho hantu ahita Beteli, bisobanura Inzu y'Imana.<br>5. Yakobo ahiga umuhigo ku Mana. Niba Imana izamurinda, nawe Uwiteka azaba Imana ye!<br>6. Jya impaka usobanura igitekerezo cy'urukundo Imana ikunda Yakobo ariko yanga icyaha.<br>7. Jya impaka usobanura ibyadutunguye mu gihe Imana ikorera mu buzima bwacu.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 2.**<br>**Erekana: FBI – Imana ibwira Yakobo mu nzozi (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Mukore mu matsinda mato, muvuge ahantu mwari muri mukabona Imana iri kumwe namwe mukoresha imvugo ngo "Aha Imana yari kumwe nanjye." Tekereza ku gisobanuro cya ***Abaheburayo13:5*** mu buzima bwa buri munzi. | Hari ubwo warose Imana? Hari inzozi warose zifite icyo zivuga mu mwuka? Utekereza ko zavugaga iki? Ni mu buryo ki zagufashije mu buzima? Reba ubundi buryo Imana ivugisha abantu ubu ngubu. Ni ayahe masezerano ashobora gufasha abanyeshuli mu buzima bwabo bwa buri munsi? |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Hari igihe uzi waba warakoze icyaha ariko ukabona Imana itagutereranye ahubwo ikaguha umugisha?<br>2. Ni gute ibyo byatumye wiyumva?<br>3. Ni gute wumva Imana yakuvugisha? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Mushake inzozi z'umwuka kandi mufungukire kumva ko Imana ibavugisha muri ubwo buryo.<br>2. Reba muri Bibiliya amasezerano ane Imana itanga maze uyakoreshe usenga. |

| | A7 – ICYICIRO 3<br>Isomo 3 – Ubuzima bwa Yakobo<br>Icyigwa – Ikimwaro | A7 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 3 – Ubuzima bwa Yakobo<br>Icyigwa – Ikimwaro |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 29:1-30***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Abagalatiya 6:7***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ubuzima ari nko kubiba no gusarura.<br>2. Nta sezerano ko ubuzima buri gihe buzaba bworoheje. | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 29:1-30 na 31:1-21***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Abagalatiya 6:7***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ubuzima ari nko kubiba no gusarura.<br>2. Icyo Imana ivuga, Iragisobanura.<br>3. Tugirire abandi icyo dushaka ko batugirira. |
| **KUBITANGIRA** | Vuga ibyo kubiba no gusarura mu murima, urwuri, n'ibindi maze usobanure ko ikibibwa ari cyo kizasarurwa. Vuga ko imyifatire yacu mibi cyangwa myiza, izagira ingaruka zayo. Dusarura icyo twabibye! Tekereza ku bantu bubu bifashe nabi bakagerwaho n'ingaruka zabyo. | Vuga ibyo kubiba no gusarura mu murima, urwuri, n'ibindi maze usobanure ko ikibibwa ari cyo kizasarurwa. Vuga ko imyifatire yacu mibi cyangwa myiza, izagira ingaruka zayo. Reba mu binyamakuru cyangwa mu nyandiko z'amazimwe urebe ingero zo kubiba no gusarura zigaragaramo, ukate amashusho yabyo n'amagambo ayaherekeje.. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Yakobo ageze i Harani ahura n'abashumba buhira umukumbi wabo ku iriba.<br>2. Rasheli, mubyara we aza kuhira umukumbi we Yakobo aramufasha, nawe ajya kubwira se Labani ko Yakobo yaje, maze amwakira iwe.<br>3. Yakobo akorera Labani kandi amusezeranya kuzamukorera imyaka 7 kugira ngo arongore Rasheli bari bakundanye.<br>4. Yarongoye, Yakobo abona ko yariganijwe agashyingirwa Leya, mukuru wa Rasheli.<br>5. Nyuma Rasheli nawe aba umugore we ariko akagomba kuzakora indi myaka 7 yiwe.<br>6. *Muvuge ukuntu Yakobo, umuriganya, arimo gusarura ingaruka zo kuriganya yagize mbere ari iwabo.*<br>7. *Mujye impaka ku buryo abantu bifata bagize ikimwaro.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 3**<br>**Erekana: FBI - Yakobo ariganywa ashyingirwa (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Yakobo ageze i Harani ahura n'abashumba buhira umukumbi wabo ku iriba.<br>2. Rasheli, mubyara we aza kuhira umukumbi we Yakobo aramufasha, nawe ajya kubwira se Labani ko Yakobo yaje, maze amwakira iwe.<br>3. Yakobo akorera Labani kandi amusezeranya kuzamukorera imyaka 7 kugira ngo arongore Rasheli bari bakundanye.<br>4. Yarongoye, Yakobo abona ko yariganijwe agashyingirwa Leya, mukuru wa Rasheli.<br>5. Nyuma Rasheli nawe aba umugore we ariko akagomba kuzakora indi myaka 7 yiwe.<br>6. *Muvuge ukuntu Yakobo, umuriganya, arimo gusarura ingaruka zo kuriganya yagize mbere ari iwabo.*<br>7. Nyuma Imana ibwira Yakobo gusubira mu gihugu cy'iwabo. Imana yari yaramuhaye umugisha afite umukumbi munini n'umuryango mugari. Ntiyamenyesheje Labani ko agiye ahubwo ahunga mu gihe Labani atari mu rugo.<br>8. Tekereza ku makosa ya Yakobo maze muvuge ukuntu Imana ikomeza gukora mu buzima bwe budatunganye rwose.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 3**<br>**Erekana: FBI - Yakobo ariganywa ashyingirwa (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Hitamo rumwe mu ngero zatanzwe kuri 7 hejuru maze urwandike ku kibaho ku buryo buri wese arwibonamo. (Bishoboka byakwandika ku rupapuro runini) | Tekereza ku ngero zo kubiba no gusarura mu buzima bw'abantu, bwa mbere mu buryo bubi, ubundi mu buryo bwiza. Andika ibisubizo byawe ugerageza gutanga bibiri kuri buri cyose. |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Ni ryari uherutse kugira ikimwaro?<br>2. Ni gute wabyifashemo?<br>3. Hari uburyo bundi bwiza wari kubyifatamo?<br>4. Watanga urutonde rw'ingero eshatu ku kubiba no gusarura mu ngereko ebyiri? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Waba uzi umuringanya nawe wariganijwe nyuma?<br>2. Wabona izindi ngero zifatika, aho imyifatire mibi, igira ingaruka mbi ku bantu? |

| | A7 – ICYICIRO 3<br>Isomo 4 – Ubuzima bwa Yakobo<br>Icyigwa – Guhura | A7 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 4 – Ubuzima bwa Yakobo<br>Icyigwa – Guhura |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 32:1-21 na Itangiriro 33:1-11***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***1 Yohana 1:9***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Mu gufashwa n'Imana birashoboka ko tubabarira abandi, n'ubwo baba baratugiriye nabi, nk'uko byabaye mu buzima bwa Yakobo.<br>2. Imana buri gihe iratubabarira iyo twihannye tukabiyisaba. | **Muri Bibiliya:** ***Itangiriro 32:1-32 na Itangiriro 33:1-17***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***1 Yohana 1:9***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Yakobo yageze ahakomeye mu buzima bwe ariko icyo ingenzi kuri Yakobo kwari uguhura n'Imana kuruta ndetse murumuna we wari wabishe.<br>2. Ubu amaze no gukura, Imana yari ifite imigambi mishya ku buzima bwa Yakobo. |
| KUBITANGIRA | Ibutsa abanyeshuli ko Yakobo yumviye Imana agasubira iwabo, ariko yibazaga uko ahura na Esawu washakaga kumwica mu myaka yashize. Reba ko nyamara Esawu yari yiteguye kumubabarira.<br>Kora urutonde rw'ibikunze kukubaho mu gihe: a) utababariye no mu gihe b) wababariye. | Vuga ku bisabwa mu gihe uzahura n'umuntu udasanzwe, n'uko ubyitegura. Hashize igihe atavugana n'Imana, ubu ahuye n'Imana. Yakobo ntiyari akiri wawundi kandi afashijwe guhura na Esawu.<br>Bishobotse wasoma igitabo "The End of the Spear" cyangwa ukareba DVD uko umugore wa Jim Elliott yababariye abishe umugabo we. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Reba nyuma y'imyaka myinshi impamvu impamvu Yakobo yatinyaga gusubira iwabo.<br>2. Ndetse Yakobo agira ubwoba yumvise ko Esawu yaje kumusanganira ari hamwe n'abantu 400.<br>3. Yakobo akora ibintu bitatu: 1) Umuryango we awugabanyamo ibice bibiri avuga ko kimwe cyarokoka. ***(32:7-8)***, 2) Arasenga ***(32:9-12)***, 3) Yohereza Esawu impano. ***(32:13-16)***<br>4. Iryo joro ahura n'Imana mu buryo butangaje asaba umugisha we. ***(32:22-31)***<br>5. Ubwoba bwa Yakobo ntaho bwari bushingiye. Esawu aramuhobera bisa nkaho yamubabariye kera. Yakobo amwereka umuryango we kandi yemeza Esawu kwakira impano yamuhaye.<br>6. Nanone ntiyasubira kwa se kandi akomeza kubeshya Esawu ntiyahita agaruka ako kanya..<br>7. *Reba kuki Yakobo yashidikanije ntahite yemera amasezerano y'Imana.*<br>8. *Muvuge ku bwoba kandi usobanure ko ubu hakunze kubaho ubwoba, ndetse ko igihe kinini ari bwo twibandaho.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 4**<br>**Erekana: FBI – Yakobo agaruka i Kanani, kandi Yakobo na Esawu bariyunga (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Reba nyuma y'imyaka myinshi impamvu impamvu Yakobo yatinyaga gusubira iwabo.<br>2. Ndetse Yakobo agira ubwoba yumvise ko Esawu yaje kumusanganira ari hamwe n'abantu 400.<br>3. Yakobo akora ibintu bitatu: 1) Umuryango we awugabanyamo ibice bibiri avuga ko kimwe cyarokoka. ***(32:7-8)***, 2) Arasenga ***(32:9-12)***, 3) Yohereza Esawu impano. ***(32:13-16)***<br>4. Iryo joro ahura n'Imana mu buryo butangaje asaba umugisha we. ***(32:22-31)***<br>5. Ubwoba bwa Yakobo ntaho bwari bushingiye. Esawu aramuhobera bisa nkaho yamubabariye kera. Yakobo amwereka umuryango we kandi yemeza Esawu kwakira impano yamuhaye.<br>6. Nanone ntiyasubira kwa se kandi akomeza kubeshya Esawu ntiyahita agaruka ako kanya.<br>7. *Reba kuki Yakobo yashidikanije ntahite yemera amasezerano y'Imana.*<br>8. *Reba ku nkuru z'ukuri z'abantu bababariye abandi.*<br>9. *Tekereza uburyo twihemukira ubwacu iyo tutababariye.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 4**<br>**Erekana: FBI – Yakobo agaruka i Kanani, kandi Yakobo na Esawu bariyunga (I)** |
| GUSUBIRAMO | Ukurikije ibyo hejuru, tekereza wandikira Imana ibaruwa. Saba abanyeshuli kureba icyo bakwatura ku Mana, icyo basaba ndetse n'icyo bashimira Imana. | Reba icyo guhura n'Imana bisobanura<br>a) Byakorwa ryari?<br>b) Byakorwa gute?<br>c) Kuki byakorwa?<br>Baza abanyeshuli niba umuntu ubwe ajya yigera ahura n'Imana. |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Ni iki twigiye kuri iki gice cya Bibiliya cyagira icyo gihuriraho n'imiberehe yacu?<br>2. Tanga ingero z'abaherutse kubabarirwa.<br>3. Hari uwo twasaba Imana kudufasha kubabarira? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Baza abanyeshuli niba vuba aha hari uwanze kubababarira, cyangwa niba barababariwe.<br>2. Bumvise bamerewe gute?<br>3. Ese hari uwo bagomba kubabarira? |

| | A8 – ICYICIRO 3<br>Isomo 1 – Kuba Umukristo<br>Icyigwa – Gusenga ni iki? | A8 – ICYICIRO 3<br>Inyigisho 1 – Kuba Umukristo<br>Ikigwa – Kumenya gusenga |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Zaburi 5:1-8***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Zaburi 5:2***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Gusenga ntibisanzwe kuko Imana idasanzwe.<br>2. Gusenga ni ukubwira no kumva Imana.<br>3. Rimwe na rimwe amasengesho yacu ntabwo asubizwa kandi hari impamvu zibitera. | **Muri Bibiliya:** ***Luka 11:1-10 na Matayo 6:5-15***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Luka 11:9***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Twamenya ko gusenga ari ugutoneshwa bikomeye.<br>2. Gusenga kenshi.<br>3. Kwibanda kuri twe mu masengesho bwite twiherereye. |
| KUBITANGIRA | Tekereza ku bibazo byo kuvugana n'incuti n'imiryango iri kure yacu. Reba ukuntu bitangaje kuba dushobora kuvugana n'Imana.<br>Baza abanyeshuli niba basenga. Kuki? /Kuki badasenga? | Tekereza ku bibazo byo kuvugana n'incuti n'imiryango iri kure yacu. Reba ukuntu bitangaje kuba dushobora kuvugana n'Imana.<br>Tekereza ku bintu dushobora gusengera. Ese abanyeshuli baba barasenze bagasubizwa. Ni iki bavuga ku masengesho yabo yasubijwe? |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Reba uwo tubwira iyo dusenga maze utekereze ku nyito Dawidi akoresha muri Zaburi.<br>2. Tekereza ku gihe cy'umunsi Dawidi yasengeragaho muvuge igihe twasengera.<br>3. Bivuye muri Zaburi ni iki cyazitira amasengesho yacu.<br>4. Nanone muri Zaburi shakamo isomo ridufasha kwitegura kuvugana n'Imana mu gusenga<br>5. Dawidi yabanaga byihariye n'Uwiteka kuko yamwitaga Mwami wanjye, Mana yanjye mu murongo 2. Ni gute natwe, dufite imibanire yihariye?<br>6. *Jya impaka kandi usobanure ukuntu gusenga ari ingenzi n'uko ubuzima budasenga bwamera.*<br>7. *Ni iki twasengera?*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 1**<br>**Erekana: FBI – Nta bigereranyo FBI .** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Ubwo Yesu yasengaga, abigishwa be bamusaba kubigisha uko basenga.<br>2. Reba uwo tubwira iyo dusenga maze utekereze ku nyito Yesu yakoresheje.<br>3. Yesu atangira urugero rw'isengesho n'ikuzo ku Mana. Ni ikihe gice cy'amasengesho yacu cyaba ikuzo?<br>4. Tekereza ku bintu by'ingenzi BITATU yesu yasabye nk'urugero rwo gusenga<br>5. Nyuma soma umugani Yesu yababwiye ***(Luka 11:5-10)*** utekereze ku isomo ry'ingenzi ryo kudatezuka mu gusenga Yesu yigishije<br>6. Tekereza ku masomo Yesu yigishije ku gusenga muri Matayo 6:5-15.<br>7. *Reba impamvu dusenga cyane iyo ibintu bimeze nabi.*<br>8. *Tekereza kandi impamvu hari ibihe tubona gusenga bigoye.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 1**<br>**Erekana: FBI – Umugani w'umushyitsi mu gicuku (I)** |
| GUSUBIRAMO | Ese hari abantu cyangwa ibikenewe ko dusengera? Akenshi ni gute twasenga? Kandi twasenga igihe kingana iki?<br>Tekereza ku isengesho ry'undi muntu muri Bibiliya n'amasomo twakura mu mibereho ye. | Muri make imiterere ITANU yo gusenga yavuzwe mu Isomo 1 kandi ubwire abanyeshuli gukora mu matsinda bategura amasengesho arimo iyo miterereze. |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Hari ibindi wavuga cyangwa ku kumva mu gusenga? Byenda twatangira twumva icyo Imana yavuga iyo dusenga. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Tekereza ku byakubayeho, mu muryango, aho utuye, mu gihugu cyangwa ku isi wasengera. Tekereza kandi gushimira amasengesho yasubijwe. |

| | **A8 – ICYICIRO 3**<br>**Isomo 2 – Kuba Umukristo**<br>**Icyigwa – Ese Imana yumva amasengesho yacu?** | **A8 – ICYICIRO 4**<br>**Inyigisho 2 – Kuba Umukristo**<br>**Icyigwa – Kwiga Bibiliya** |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Luka 18:9 -14***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Yakobo 4:6***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Tudakeneye kujya ku Itorero ngo dusenge Imana: dushobora gusengera aho turi hose n'igihe cyose.<br>2. Imana idusaba kwicisha bugufi no kutaryarya mu gusenga. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 17:10-14 na 2 Timoteyo 3:14-17***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Zaburi 119:105***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ni ngombwa gusoma Bibiliya.<br>2. Kwiringira Bibiliya kuko ari Ijambo ry'Imana. |
| **KUBITANGIRA** | Subiramo ibyizwe ku gusenga mu Isomo 1. Bibiliya ivuga " Kwibona kubanzirirza kugwa" ***(Imigani 16:18)*** Utekereza ko ibyo bivuga iki? Bigaragaze ku byabaye by'ukuri mu buzima cyangwa ku bitekerezwa. | Mu isi hari za Bibiliya nyinshi kuruta ikindi gitabo cyose. Mu bihe byinshi no mu bihugu byinshi bagerageje kuyica, kuyitwika ariko n'ubu iriho. Ibyo kuko ari Ijambo ry'Imana. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Yesu yigishaga ko tugomba gusenga buri gihe ntitubireke. ***(umurongo 1)***<br>2. Yasobanuye kandi ko abibone baticisha bugufi badafite imyifatire ikwiriye mu gusenga. ***(umurongo 9)***<br>3. Reba ukuntu inshuro nyinshi umuntu w'umunyedini (Umufarisayo) yakoresheje ijambo 'Jye".<br>4. Saba abanyeshuli kuvuga isengesho n'imyifatire y'umukoresha w'ikoro.<br>5. *Gereranya imitandukanire yo gusenga kw'abo bantu.*<br>6. *Reba uwemewe n'Imana n'impamvu yemewe.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 2**<br>**Erekana: FBI – Umugani w'Umufarisayo n'Umukoresha w'ikoro (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Bibiliya ni cyo gitabo cy'ingenzi ku Bakristo, ariko twamenya gute ko ari ukuri?<br>2. Ibyo dusoma muri Bibiliya bitubwira ko Ibyanditswe byahumetswe n'Imana, ni Imana yabitanze. Imana ntibeshya bityo tumenya ko Bibiliya ari ukuri.<br>3. Byinshi byahanuwe mu Isezerano rya Kera bikaba bisohora nyuma y'imyaka amagana. Urugero ibivugwa mu Isezerano rya Kera ku kuvuka kwa Yesu.<br>4. Hafi abantu 40 banditse ibice bya Bibiliya mu myaka amagana, ariko ikivugwa cy'ingenzi ni kimwe kandi ubutumwa butanga ubumwe bw'icyo gitabo.<br>5. Gusoma Bibiliya no gukurikiza inyigisho zayo mu gufashwa n'Umwuka Wera bishobora guhindura ubuzima bw'abantu.<br>6. Ntibitangaje ko Bibiliya ari ingenzi. Tekereza ku mpamvu nyinshi zatuma dusoma Bibiliya.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 2**<br>**Erekana: Nta FBI yo kwerekana.** |
| **GUSUBIRAMO** | Ku rupapuro andika ibyiza umukoresha w'ikoro yagaragazaga, n'ibyo Umufarisayo yerekanaga yirata. | Tekereza ku w'ingenzi maze ushushanye imirasire y'umucyo uvuye mu kirere. Munsi yayo wandike ibyo ukeneye ko Imana ikumurikiramo. Urugero icyemezo ushaka gufata. Icyo ukeneye kubona. |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Ijambo 'kwicisha bugufi' bivuga iki kandi twakwicisha bugufi gute? Tanga ingero z'uko twakwerekana ukwicisha bugufi.<br>2. Ijambo 'ubwibone' bivuga iki kandi ni gute twaba abibone? Tanga ingero z'uko twagaragaza ubwibone. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Ni ibihe bifatika byakorohereza gusoma Bibiliya?<br>2. Senga usabe Imana kugufasha gusoma Bibiliya kenshi, kuyumva kurushaho no kuyishyira mu bikorwa mu buzima bwawe. |

| | A8 – ICYICIRO 3<br>Isomo 3 – Kuba Umukristo<br>Icyigwa – Ni gute twasenga? | A8 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 3 – Kuba Umukristo<br>Icyigwa – Kuberaho Imana |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Matayo 6:5-15***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Matayo 6:8***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Dukwiriye gusenga buri gihe atari igihe ibintu bimeze nabi gusa.<br>2. Ntidukeneye ko amasengesho yacu aba maremare<br>3. "Isengesho ry'Umwami" rigenewe kudufasha kuba ikitegererezo cy'amasengesho yacu. | **Muri Bibiliya:** ***Yohana 15:1-17 na Abagalatiya 5:22-23***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Yohana 15:5***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Abakristo bagenda barushaho kuba nka Yesu.<br>2. Ibanga ni ukuguma kuri We nk'uko abigereranya n'amashami ku muzabibu.<br>3. Abakristo bakeneye gukonorwa kugira ngo bere imbuto nyinshi. |
| KUBITANGIRA | 1. Subiramo Amasomo 1 na 2 n'ibindi byose byizwe ku gusenga. Reba impamvu benshi babona gusenga ubudasiba bigoye.<br>2. Ni izihe nyungu zo gusenga tuvuga cyane kugira ngo tutarangara?<br>3. Ni izihe nyungu z'amasengesho yanditse ngo bifashe kuvuga amagambo nyayo? | 1. Tekereza ku Bakristo bagaragaza imbuto nyinshi z'Umwuka Wera utekereze ukuntu ubuzima bwabo bwera imbuto.<br>2. Sobanura ukuntu Imana ikora mu buzima bwacu ikuramo ibintu by'ibyaha, nk'uko umuhinzi akonora umuzabibu we. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Umwami yigishije gusenga mu Nyigisho ku Musozi.<br>2. Sobanura kuki gusenga ubwacu twihererey biba hagati yacu n'Imana.<br>3. Sobanura ko gusenga usubiramo amagambo atari gusenga by'ukuri.<br>4. Vuga kuki gusenga ari ngombwa kandi "Data azi ibyo dukeneye mbere yuko tubimusaba".<br>5. Shimira uko Umwami yatwigishije gusenga mu buryo bw'amagambo y'ikuzo n'ayo gusaba.<br>6. Reba akamaro ko kwizera ko Imana izasubiza ugusenga kwacu kandi amasengesho yacu agashyirwa mu bikorwa.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 3**<br>**Erekana: FBI – Nta FBI yo kwerekana.** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Sobanura ishusho ya Data nk'umuhinzi, Umwami, nk'umuzabibu n'Abakristo nk'amashami.<br>2. Sobanura ko Imana ishaka kubona imbuto mu buzima bwacu, kandi uko ni ukugaragaza mu buryo bwiza ***Abagalatiya 5:22-23***.<br>3. Tekereza uko igiti kiba kimeze cyangwa nyuma yo gukonorwa n'uko ibyo ari ibyangombwa ngo imbuto zizera ari nyinshi.<br>4. Tandukanya bivuye mu ***Abagalatiya 5:19-20*** aho imirimo ya kamere itajyana n'Umwuka Wera no kutizera muri Kristo.<br>5. Ibutsa abanyeshuli ko umugambi w'Imana ari uko nk'Abakristo tugenda turushaho kuba nka Kristo, wagaragaje imbuto zose z'Umwuka mu buzima bwe.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 3**<br>**Erekana: FBI – Nta FBI yo kwerekana.** |
| GUSUBIRAMO | Tekereza kuri ***1 Timoteyo 2:1*** kandi muvuge ku buryo bwo gusenga bunyuranye.<br>Tekereza ahantu dushobora kuba mu masengesho bwite. Kora urutonde uko abanyeshuli bagenda babivuga. | Tanga muri make amasomo y'ingenzi yo muri iyi nyigisho. Ibande ko urufunguzo ruri muri We nk'uko bivugwa muri ***Yohana 15:4-5***. |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Gusenga ntabwo ari ikintu kidakora ahubwo ni ikintu gikora. Tekereza icyo byaba bivuga kuri wowe ubu. Saba Imana kugufasha kwizera iyo usenga. Koresha Isengesho ry'Umwami ry'icyitegererezo kugira ngo abanyeshuli bagire amasengesho yabo. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Bwira abanyeshuli basome ***Abagalatiya 5:22-23***,mu gusenga babaza Imana kubereka iby'izo mbuto bakeneye zibafasha ngo bakure. |

| | A8 – ICYICIRO 3<br>Isomo 4 – Kuba Umukristo<br>Icyigwa – Ese Imana isubiza gusenga? | A8 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 4 – Kuba Umukristo<br>Icyigwa – Gutanga ku Mana |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***1 Samweli 1:1-20***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***1 Samweli 1:20***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Amasengesho yacu ntabwo asubizwa buri gihe, cyangwa vuba mu buryo tubishaka.<br>2. Ibisubizo n'imigambi by'Imana buri gihe ni byiza cyane kuruta ibyacu. | **Muri Bibiliya:** ***Mariko 12:41-44 na Matayo 6:1-4***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***2 Abakorinto 9:7***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Gutanga ku Mana tunezerewe, ni ikintu cy'ingenzi mu buzima Gikristo bwacu.<br>2. Gutanga ku Mana ntibigarukira ku mafaranga gusa. |
| **KUBITANGIRA** | Vuga ibya Hana. Kora urubuga rw'amashusho n'amagambo werekana uko Hana yari amerewe; MBERE YO GUSENGA + NYUMA YO GUSENGA. | Mu matsinda mato, bicaye mu ruziga bakore urutonde rw'ibintu Imana iduha, n'ibyo dushobora gutanga ku Mana. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Muri make sobanura ibya Hana n'umuryango we. Nanone kandi vuga ko buri mwaka bajyaga mu Nzu y'Imana gutura ibitambo no kuramya.<br>2. Sobanura uko Hana yari amerewe kuba atabyaye kandi akagirirwa nabi na Penina..<br>3. Tekereza ku gusenga kwa Hana n'umuhigo yahize k'Uwiteka.<br>4. Sobanura uko umutambyi yifashe ku gusenga kwa Hana.<br>5. Vuga uko Imana yasubije gusenga kwa Hana.<br>6. Tekereza uburyo yumvise bitandukanye nyuma amaze gusenga maze byose akabirekera Uwiteka<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 4**<br>**Erekana: FBI – Samweli avuka (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Vuga ibyabaye mu Rusengero ubwo Yesu yarebaga abantu batanga amafaranga.<br>2. Sobanura impamvu ituro ry'umupfakazi ryari ritandukanye n'ayabandi bose.<br>3. Kuki Yesu yashimye ituro rito cyane ry'uwo mugore?<br>4. Ibyo bitwigisha iki ku gutanga igihe cyacu, ibyo tuzi, n'ubutunzi bwacu k'Uwiteka?<br>5. Kuki Imana itwigisha gutanga mu ibanga?<br>6. Tekereza ku isezerano Imana yagiriye abatanga mu ibanga.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 4**<br>**Erekana: FBI – Umupfakazi watanze byose (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | 1. Baza abanyeshuli niba barigeze bagira ikintu kibamerera nabi.<br>2. Reba icyo bakoze ngo kibafashe icyo gihe.<br>3. Muvuge niba hari uwamerewe neza amaze kubirekera Uwiteka. | 1. Reba uburyo dushobora gutanga ku Mana.<br>2. Hitamo ikintu kimwe gishobora gushyirwa mu bikorwa nk'ingaruka y'inyigisho twize.<br>3. Gerageza abanyeshuli ureba ko bafite impamvu nziza iyo batanga. |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Tekereza ku muntu wakungukira kumenya ko Imana yikorera umuzigo we bigatuma amererwa neza. Ese yasurwa akavuga amateka ye? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Reba undi murongo ku gutanga bifitanye isano, urugero "Yesu ati 'gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa'." ***(Ibyakozwe 20:35.)*** Saba Imana ibafashe kumva iryo hame. |

| | A9 – ICYICIRO 3<br>Isomo 1 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Utoteza | A9 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 1 – Intumwa Pawulo<br>Icyigwa – Guhinduka kwe |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 9:1-19***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***2 Abakorinto 5:17***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Amaze guhura na Kristo Pawulo yarahindutse.<br>2. N'ubu Imana iracyahindura ubuzima. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 9:1-30***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***2 Abakorinto 5:17***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ni Imana yonyine ishobora guhindura ubuzima.<br>2. Kuba Umukristo bishobora kugira ingorane, ariko Imana iri kumwe n'Abakristo by'umwihariko mu bihe bikomeye. |
| **KUBITANGIRA** | Reba Sawuli nk'umwe w'ingenzi mu Isezerano Rishya. Sobanura uko yari mu rupfu rwa Sitefano. ***(Ibyakozwe 6:58)***<br>Tanga urugero rw'ikinyabwoya gihindukamo akanyugunyugu uvuga ibyo guhinduka. | Reba Sawuli nk'umwe w'ingenzi mu Isezerano Rishya. Sobanura uko yari mu rupfu rwa Sitefano. ***(Ibyakozwe 6:58)***<br>Tanga urugero rw'ikinyabwoya gihindukamo akanyugunyugu uvuga ibyo guhinduka. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Sobanura ko Pawulo ari Sawuli wahindutse uko bivuzwe nyuma mu nkuru.<br>2. Vuga birambuye impamvu yari agiye i Damasiko<br>3. Sobanura neza ibyabaye, n'ibyavuzwe ubwo Sawuli yahuraga n'Umwami. Uko Pawulo yabivuze nyuma byagufasha. ***(Ibyakozwe 22:1-13,na 26:9-18)***<br>4. Vuga ibyabaye nyuma ajyanywe i Damasiko n'ibyo yategetswe.<br>5. Tekereza ijambo 'guhinduka' icyo rivuga. Guhinduka ni umurimo w'ubuntu bw'Imana uhindura umuntu kuba mushya muri Kristo. Bisanishe no kubyarwa bwa kabiri. ***(Yohana 3:3)***<br>6. Vuga uko Pawulo yahindutse amaze guhura na Kristo.<br>7. Ibande kuba ubwo butumwa ari ingenzi mu kwizera Kristo.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 1**<br>**Erekana: FBI – Guhinduka kwa Sawuli (Pawulo) (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Sobanura ko Pawulo ari Sawuli wahindutse uko bivuzwe nyuma mu nkuru.<br>2. Vuga birambuye impamvu yari agiye i Damasiko<br>3. Sobanura neza ibyabaye, n'ibyavuzwe ubwo Sawuli yahuraga n'Umwami. Uko Pawulo yabivuze nyuma byagufasha. ***(Ibyakozwe 22:1-13,na 26:9-18)***<br>4. Vuga ibyabaye nyuma ajyanywe i Damasiko n'ibyo yategetswe.<br>5. Kuba Umukristo ntabwo byoroshye. Vuga bimwe mu bibazo Sawuli yahuye nabyo agitangira gukurikira Umwami.<br>6. Tekereza ijambo 'guhinduka' icyo rivuga. Guhinduka ni umurimo w'ubuntu bw'Imana uhindura umuntu kuba mushya muri Kristo. Bisanishe na ***Yohana 3:3*** no kubyarwa bwa kabiri.<br>7. Kandi reba ukuntu Sawuli atahinduwe kuba 'umunyedini', yari umunyedini mbere y'uko ahinduka.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 1**<br>**Erekana: FBI – Guhinduka kwa Sawuli (Pawulo) (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Kora urubuga rwerekana ibya 'Sawuli – mbere na nyuma' | Hitamo kimwe mu byashatse kwigwa wandike isengesho rivuga ukuntu ibyo byakora ku buzima bwawe. |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Baza abanyeshuli ku byerekeye bo ubwabo.<br>2. Ni iki twigira ku kumvira mu rugero rwa Ananiya? Tanga urutonde rwo 'gukora' rushingiye ku byo twamenye ku kumvira.<br>3. Tekereza uburyo Abakristo bashobora gutera umwete Umukristo mushya. Tanga urutonde rwabyo maze wandike iteganyabikorwa byarwo. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Baza abanyeshuli ku byerekeye bo ubwabo.<br>2. Sengera Abakristo ubu batotezwa.<br>3. Soma ***1Timoteyo 1:12-16***. Utekereze uko ***umurongo 15*** wawubwira incuti zawe zitarahinduka. |

| | A9 – ICYICIRO 3<br>**Isomo 2 – Ingendo za Pawulo**<br>**Icyigwa – Ingorane** | A9 – ICYICIRO 4<br>**Inyigisho 2 – Intumwa Pawulo**<br>**Icyigwa – Urugendo rwe** |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 9:19-30***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Abaroma 1:16***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Rimwe na rimwe bigora kuba Umukristo kuko atari ko bose bakunda ubutumwa bw'Inkuru nziza.<br>2. Ni ingenzi gukomeza Abakristo bashya. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 11:19-26; 13:1-12***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 13:12***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Guhinduka ni itangiriro ry'ubuzima bushya muri Kristo.<br>2. Ni ingenzi kwigisha Abakristo bashya, kugira ngo bakure barushaho kumenya ubuzima Gikristo. |
| **KUBITANGIRA** | Muvuge ku kamaro ko gukomezanya. Bwira abanyeshuli gutanga ingero z'igihe bakomejwe mu buzima bwabo maze uvuge ukuntu ari iby'ingenzi. | Impaka mukoresha ingero z'ukuntu ibiryo ari ngombwa ku gukura k'umubiri wacu. Shyiramo igitekerezo cyo gukura mu mwuka ku Bakristo. Niba hari Bibiliya saba umwe gusoma ***1 Petero 2:2*** na ***2 Petero 3:18***. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Vuga ibyabaye igihe Sawuli yatangiraga kwigisha ari i Damasiko, kandi usobanure ubutumwa yatangaga.<br>2. Vuga impamvu abayuda bamwanze n'ukuntu yacitse.<br>3. Impaka ku byateye ibibazo Sawuli n'impamvu abantu bangaga ubutumwa bw'Inkuru nziza. Kuki Sawuli atakojejwe isoni n'Inkuru nziza? (reba uw'ingenzi)<br>4. vuga ibibazo yahuye nabyo agarutse i Yerusalemu.<br>5. Vuga uko Barinaba yabaye ingenzi kuri Sawuli n'akamaro ko guterwa umwete mu buzima Gikristo. Soma ***1 Samweli 30:6***.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 2**<br>**Erekana: FBI – Guhinduka kwa Pawulo (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Bikurikira urupfu rwa Sitefano, Abakristo batataniye hirya no hino bamwe bagera muri Antiyokiya.<br>2. Bakwirakwiza ubutumwa bwiza bwa Yesu maze benshi bahindukirira Umwami.<br>3. Barinaba yoherezwa gufasha Abakristo bashya avuye i Yerusalemu. Abonye ko akazi ari kenshi atekereza kuzana Sawuli muri Antiyokiya maze bamarana umwaka bigisha umubare munini mu Itorero.<br>4. Muri icyo gihe Umwuka Wera abwira Itorero kohereza ahandi Barinaba na Sawuli mu murimo mushya.<br>5. Banyura i Kupuro aho bahanganye n'umuntu witwa Eluma, umukonikoni wabuzaga umuyobozi Serugo Pawulo guhinduka kuba Umukristo. Sawuli arabyamagana cyane, maze Eluma arahuma bityo Serugo Pawulo yizera Umwami Yesu.<br>6. Ibande ku kamaro ko kwigisha ijambo mu ivugabutumwa. ***(Ibyakozwe 11:19-20)***<br>7. Ibande ku kamaro ko gukura nk'Abakristo. ***(1 Petero 2:2)***<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 2**<br>**Erekana: FBI – Pawulo na Barinaba bajya i Kupuro (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Impaka kuri zimwe mu ngorane z'ubuzima Gikristo mukoresha urugero rwa Sawuli. | Subira mu isomo ukoresha ibibazo bikurikira:<br>1. Ese ugutumwa kwa Pawulo na Barinaba kwagenze neza? Sobanura igisubizo cyawe.<br>2. Ni ayahe masomo dukura mu guhura kwa Pawulo na Eluma yerekeye ubutware bw'Imana ku myuka mibi? |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Rimwe na rimwe abantu bumva ko batazahura n'ibibazo babaye Abakristo. Ni iyihe nama utekereza ko Pawulo yagira abatekereza gutyo? Reba ***2 Abakorinto 11:23-33***.<br>2. Andika isengesho rikomeza Abakristo bari mu bibazo. Kora agakaye k'iryo sengesho maze ukohereze Umukristo uzi uri mu bibazo. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Bwira abanyeshuli kuvuga ku mwigisha w'Umukristo uzi maze ubabaze ku nkuru zo guhinduka gutangaje babonye mu murimo wabo. Ibyo bituma utekereza gukora gute?<br>2. Impaka n'umuyobozi Gikristo uzi kugira ngo muzamure imyumvire kuri Bibiliya kandi murusheho guteza imbere uburyo bwa gahunda yo gusoma Bibiliya kwanyu. |

| | A9 – ICYICIRO 3<br>Isomo 3 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Umwigisha | A9 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 3 – Intumwa Pawulo<br>Icyigwa – Inyigisho ye |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 13:1-12***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 13:12***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Umwuka Wera yarimo gukora maze ubutumwa bw'Inkuru nziza bugenda bukwira ahandi.<br>2. Habaho ko Satani atambamira Ubutumwa bwiza. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 13:13-52***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 13:49***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ubutumwa bwa Kristo bushing imizi mu Isezerano rya Kera no kuba urupfu no kuzuka bya Kristo ari umugambi w'Imana.<br>2. Imbabazi z'ibyaha zibonerwa gusa muri Kristo. |
| KUBITANGIRA | Ereka abanyeshuli intambara iri hagati y'Imana na Satani. Garuka ku byabaye mu Ngobyi ya Edeni muvuge ku Kugwa. Ugaragaze ko Satani agikomeza gukora mu buryo bunyuranye abangamira inyigisho y'Ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu. | Saba abanyeshuli gutekereza ku kamaro ko kubabarirwa. Tekereza ku biba buri munsi aho bagomba kugira uwo bababarira. Reba ko dukeneye kubabarirwa n'Imana. Vuga ko Kristo ariwe sangano ry'ubutumwa bwo kubabarirwa ibyaha. Mushake bimwe mu bitekerezo bipfuye ku mbabazi. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Bikurikira urupfu rwa Sitefano, Abakristo batataniye hirya no hino bamwe bagera muri Antiyokiya.<br>2. Bakwirakwiza ubutumwa bwiza bwa Yesu maze benshi bahindukirira Umwami.<br>3. Barinaba yoherezwa gufasha Abakristo bashya avuye i Yerusalemu. Abonye ko akazi ari kenshi atekereza kuzana Sawuli muri Antiyokiya maze bahamarana umwaka bigisha umubare munini mu Itorero.<br>4. Muri icyo gihe Umwuka Wera abwira Itorero kohereza ahandi Barinaba na Sawuli mu murimo mushya.<br>5. Banyura i Kupuro aho bahanganye n'umuntu witwa Eluma, umukonikoni wabuzaga umuyobozi Serugo Pawulo guhinduka kuba Umukristo.<br>6. Sawuli arabyamagana cyane, maze Eluma arahuma bityo Serugo Pawulo yizera Umwami Yesu.<br>7. *Muvuge ku kuri no kamere yo guterwa na dayimoni.*<br>8. *Muvuge ku kamaro k'ubutumwa bwiza muri icyo gihe no kuri ubu.*<br>9. *Reba impamvu iteka ry'Imana ryaguye kuri Eluma.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 3**<br>**Erekana: FBI – Pawulo na Barinaba bajya i Kupuro (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Ubu Pawulo ageze mu yindi Antiyokiya. (Pisidiya)<br>2. Mu butumwa bwe bwa mbere, ababwira birambuye inkuru y'amateka y'Abayuda aganisha ku kuza kwa Yesu, urupfu rwe no kuzuka. Asoza avuga ko "Muri Yesu babwiwe ukubabarirwa ibyaha byabo" ***(Umurongo 38)***.<br>3. Amaze gutanga ubwo butumwa mu isinagogi, atumirwa kuzagaruka ku isabato ikurikiraho.<br>4. Isabato ikurikiyeho ni nk'aho umurwa wose waje kumva Pawulo byatumye abakuru b'Abayuda bamugirira ishyari cyane.<br>5. Pawulo ababwira ko niba banze Ijambo ry'Imana azahindukirira Abanyamahanga uko biri muri ***Yesaya 49:6***.<br>6. *Vuga impamvu abakuru b'Abayuda bishe Kristo.*<br>7. *Reba impamvu Yesu yagombaga gupfa no kuba urupfu no kuzuka bya Kristo byari mu mugambi w'Imana.*<br>8. *Tekereza kuba Kristo ari we Mukiza wenyine gusa.* ***(Reba umurongo 38-39)***<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 3**<br>**Erekana: FBI – Pawulo na Barinaba muri Antiyokiya na Ikoniyo (I)** |
| GUSUBIRAMO | Subira mu nyigisho ubaza abanyeshuli kwerekana ukuntu Imana yatsinze Satani mu isomo twize. | Tanga ihurizo ku banyeshuli ku nyigisho y'uyu munsi mu buryo bwo gusubiramo iri somo. |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Gereranya itandukaniro rya Eluma na Serugo Pawulo mu kwifata ku Butumwa bwiza. Baza abanyeshuli uko bifata ku Butumwa bwiza.<br>2. Muri za sinema nyinshi ubu ngubu, higanjemo ubupfumu. Urugero Harry Potter. Ese birakwiriye ko Abakristo bareba izo sinema? Mubijyeho impaka mu ishuli. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Ni gute kuba Kristo ari we Mukiza wenyine gusa biduha gutekereza ku muco w'igihugu cyacu?<br>2. Soma ***Abefeso 4:32*** maze ubaze abanyeshuli ukuntu amagambo ya Pawulo ku kubabarirwa yabakoze ku mutima! |

| | A9 – ICYICIRO 3<br>Isomo 4 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – ‘Umurwa ucitsemo ibice’ | A9 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 4 – Intumwa Pawulo<br>Icyigwa – Amagorwa ye |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 13:13-16; 42-52***<br><br>**Uw’ingenzi:** ***Ibyakozwe 13:49***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ni ngombwa kumva Ijambo ry’Imana.<br>2. Ubutumwa bwa Kristo bugenewe buri wese. Kandi butera ibyishimo ubwakiriye wese. received it. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 14:1-28***<br><br>**Uw’ingenzi:** ***Mariko 16:20***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ubutumwa bwa Kristo butandukanya abantu kandi imyifatire ku butumwa Gikristo ijya irenga inkombe.<br>2. Ni ingezi kudahemuka kuri Kristo nka Pawulo. |
| KUBITANGIRA | Baza abanyeshuli impamvu batekereza ko Bibiliya ari ingenzi. (Reba inshuro Ijambo ry’Imana rivuzwe mu byo twasomye muri Bibiiya muri iri somo.)<br>Jyana abanyeshuli ku gitekerezo ko Bibiliya ikusanyiriza ubutumwa bwa Kristo kuba ubw’abantu bose.Bibutse ko Abakristo bagomba kuva mu mico inyuranye yo hirya no hino. | Baza abanyeshuli kuvuga ijambo ‘kudahemuka’ icyo ari cyo. Saba abana gutekereza ku kudahemuka bihoraho, no ku bantu badahemuka. Reba ko ubudahemuka ari ingenzi. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Ubu Pawulo ageze mu yindi Antiyokiya. (Pisidiya)<br>2. Amaze gutanga ubwo butumwa mu isinagogi, atumirwa kuzagaruka ku isabato ikurikiraho. Isabato ikurikiyeho ni nk’aho umurwa wose waje kumva Pawulo byatumye abakuru b’Abayuda bamugirira ishyari cyane.<br>3. Pawulo ababwira ko niba banze Ijambo ry’Imana azahindukirira Abanyamahanga uko biri muri Yesaya 49:6.<br>4. Ibande ku baje kumva Pawulo. ***(Imirongo 16, 42, 43 na 48)***<br>5. Sobanura impamvu Ubutumwa bwiza bwigishijwe Abayuda bwa mbere<br>6. Vuga ukuntu Ijambo ry’Imana ryakwiriye. ***(umurongo 49)***<br><br>**Sobanura uw’ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 4**<br>**Erekana: FBI – Pawulo na Barinaba muri Antiyokiya na Ikoniyo (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo na Barinaba bageze muri Ikoniyo Abayuda benshi n’Abanyamahanga barizera ariko bamwe mu Bayuda babyutsa imvururu.<br>2. Umurwa ucikamo ibice bibiri kubera Ubutumwa bwiza bamwe bagambanira gutera amabuye Pawulo na Barinaba ku buryo bagombye guhungira muri Lusitira.<br>3. Aho Imana ikoresha Pawulo gukiza ikimuga ku buryo abatuye aho batekereje ko bari imana, maze bashaka kubatura ibitambo.<br>4. Pawulo na Barinaba babuza abantu kugereranya ibigirwamana n’Imana nzima. Babasobanurira ibyo Imana iduha byose. ***(umurongo 17)***<br>5. Abayuda baturuka muri Antiyokiya na Ikoniyo boshya rubanda gutera amabuye Pawulo maze bamukurubanira hanze y’umurwa bacyeka ko yapfuye. Imana ishimwe Pawulo abaho maze bukeye ajya i Derube, aho abantu benshi babaye abigishwa.<br>6. Nyuma bagaruka i Lusitira, i Koniya na Antiyokiya bakomeza Abakristo, babikora bari bahaze amagara.<br>7. *Ibande ku cyo Imana iri.* ***(imirongo 15-17)***<br>8. *Reba akamaro ko kudatezuka – nkuko byari kuri Pawulo na Barinaba. Reba witonze mu* ***murongo 22****.*<br><br>**Sobanura uw’ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 4**<br>**Erekana: FBI – Pawulo na Barinaba muri Antiyokiya na Ikoniyo (I)** |
| GUSUBIRAMO | Subiramo ubaza abanyeshuli kwerekana ukuntu Imana yatsinze Satani mu isomo twize. | Tanga ihurizo ku banyeshuli ku nyigisho y’uyu munsi mu buryo bwo gusubiramo iri somo<br>1. “Ibimenyetso n’ibitangaza” mu ***murongo 3*** byari bigamije iki?<br>2. Ni he Pawulo na Barinaba bakuraga ubudahemuka Ku Mana bikomeye muri iki gice? Ese Imana ishaka ko dutanga ubuzima bwacu ku murimo wayo? |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Reba uko Abanyamahanga bitwaye ku Butumwa bwa Kristo mu ***mirongo 42 na 48***. Ni iki tubyigiraho mu buryo twakwakira ubutumwa bwa Kristo?<br>2. Sesengura umuryango w’ivugabutumwa umwe mu gukwirakwiza ubutumwa bwa Kristo mu bindi bihugu. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Mu matsinda mwandike mu buryo bw’umutako ijambo ‘Kudahemuka’ bishingiye ku buzima Gikristo.<br>2. Mwerekane ku kibaho ukuntu ubutumwa bwa Kristo buteye ikibazo ugusenga ibigirwamana kwacu mu mibanire yo muri iki gihe. |

| | A10 – ICYICIRO 3<br>Isomo 1 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Kubabarizwa Umwam | A10 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 1 – Ingendo za Pawulo<br>Topic – Paul in Philippi |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 14:1-21***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***1 Petero 4:16***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Abakristo rimwe na rimwe bababarizwa kwizera kwabo kandi 'ntibabireke' mu gihe ibintu bigoye.<br>2. Abakristo bizera mu Mana Nzima ni Umuremyi uduha byose. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 16:9-40***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 16:31***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ni ingenzi kumva no kumvira uko Imana ituyobora.<br>2. Imana ifungura imitima y'abantu kandi agakiza kuri buri wese kari mu Mwami Yesu Kristo. |
| **KUBITANGIRA** | Rebera hamwe n'abanyeshuli kuki ari ngombwa kwizera Imana Umuremyi. Ganisha ku gitekerezo cy'inshingano no gukora ibikwiriye imbere y'Imana. | Baza ikibazo ku mpamvu twese dukeneye agakiza k'Imana. Sobanura kamere y'agakiza k'Imana n'uburyo dukizwa mu kwizera icyo Imana yakoze mu Mwami Yesu atari ku bw'imirimo yacu. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo na Barinaba bageze muri Ikoniyo Abayuda benshi n'Abanyamahanga barizera ariko bamwe mu Bayuda babyutsa imvururu.<br>2. Umurwa ucikamo ibice bibiri kubera Ubutumwa bwiza bamwe bagambanira gutera amabuye Pawulo na Barinaba ku buryo bagombye guhungira muri Lusitira.<br>3. Aho Imana ikoresha Pawulo gukiza ikimuga ku buryo abatuye aho batekereje ko bari imana, maze bashaka kubatura ibitambo.<br>4. Pawulo na Barinaba babuza abantu kugereranya ibigirwamana n'Imana nzima. Babasobanurira ibyo Imana iduha byose. ***(umurongo 17)***<br>5. Abayuda baturuka muri Antiyokiya na Ikoniyo boshya rubanda gutera amabuye Pawulo maze bamukurubanira hanze y'umurwa bacyeka ko yapfuye. Imana ishimwe Pawulo abaho maze bukeye ajya i Derube, aho abantu benshi babaye abigishwa.<br>6. Nyuma bagaruka i Lusitira, i Koniya na Antiyokiya bakomeza Abakristo, babikora bari bahaze amagara.<br>7. *Ibande ku cyo Imana iri.* ***(imirongo 15-17)***<br>8. *Reba akamaro ko kudatezuka – nkuko byari kuri Pawulo na Barinaba.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 1**<br>**Erekana: FBI – Pawulo na Barinaba muri Lusitira na Derube (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo yayobowe neza kutagira ahandi ajya muri Asiya, ahubwo nijoro yerekwa abwirwa kujya muri Makedoniya. (Uburayi)<br>2. Vuga ibyababaye byatumye ubutumwa bwiza bwerekeza mu Burayi. (umurongo 9)<br>3. Muri Filipi ahura n'itsinda ry'abagore basengeraga ku mugezi. Barimo Ludiya.<br>4. Sobanura icyo bivuze ko Imana yafunguye umutima wa Ludiya. ***(umurongo 14)***<br>5. Mu gihe Pawulo yirukanaga umwuka mubi mu mukobwa waraguraga, we na Sila barangirije mu nzu y'imbohe.<br>6. Habaye umutingito w'isi, imbohe zose zikurwaho iminyururu. Umurinzi agiye kwiyica maze Pawulo amubwira ko nta numwe wacitse.<br>7. Sobanura neza ikibazo umurinzi yabajije n'igisubizo Pawulo yatanze. ***(Ibyakozwe 16:31 )***<br>8. *Ibande kuba Umwami Yesu ari we agakiza gaturukaho.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 1**<br>**Erekana: FBI – Pawulo na Sila bajya I Filipi maze Pawulo na Sila barafungwa (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Fatanya isomo rya Bibiliya no Kuva 20:1-6. Fasha abanyeshuli kumva ukuri kw'Imana Nzima. Reba ibigirwamana biri ku isi bishobora kuba hagati yacu n'Imana. | Subiramo isomo mu buryo bw'ibibazo bikurikira:<br>1. Vuga ibyababaye bikurikira uguhinduka k'umurinzi.<br>2. Ni iyihe kamere n'ibisabwa ku mubatizo muri iki gice? ***(imirongo 15, 31-33)*** |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Tekereza ku nshingano dufite ku Mana ni gute biduha gutekereza gukora? Ni iki bihindura ku mibereho yacu Gikristo?<br>2. ***Umurongo 15*** utwigisha iki ku kuramya 'by'ukuri'? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Kwita ku gitekerezo ko agakiza ari ubuntu bw'Imana gusa.<br>2. Akamaro k'umubatizo w'abizera. |

| | A10 – ICYICIRO 3<br>Isomo 2 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Incuti mu buzima | A10 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 2 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Pawulomuri Tesalonika na Beroya |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 16:1-3; 2 Timoteyo 1:1-5***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***2 Timoteyo 3:15***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Gusoma no kumenya Ibyanditswe bitumenyesha agakiza.<br>2. Ni ingenzi kugira incuti z'Abakristo ngo gusengerana. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 17:1-14***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 17:11***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Yesu ni Kristo wahanuwe mu Isezerano rya Kera, kandi urupfu no kuzuka bye byari ngombwa.<br>2. Ni ngombwa gushakashaka mu Byanditswe kugira ngo tubone icyo ukwizera Gikristo ari cyo. |
| **KUBITANGIRA** | Muvuge ku bintu ahanini bitujyana gukora ibyiza cyangwa ibibi. Murebere hamwe n'abanyeshuli akamaro k'ubukristo mu buzima bwanyu. Muvuge ku byo kwizera Gikristo byakoze mu buzima bwanyu no mu buryo byabakozeho. | Baza abanyeshuli umuntu babona ari ingenzi n'impamvu batekereza ko ari ingenzi. Sobanura ko ubutumwa Gikristo buvuga ku muntu w'ikinege. Basabe kumva ubutumwa uko bisomwa mu ***Ibyakozwe 17:1-14***. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Vuga ku muryango wa Timoteyo.<br>2. Vuga ukuntu nyirakuru na nyina ba Timoteyo bagize uruhare runini mu kwizera kwe.<br>3. Tekereza ukuntu ari ingenzi kuba mu muryango Gikristo.<br>4. Reba impamvu Pawulo yumvaga ari ngombwa gukeba Timoteyo. Ni irihe somo tubikuramo?<br>5. Nyuma Timoteyo yatangiye kugendana na Pawulo aramufasha cyane.<br>6. Reba ku magambo Pawulo yandikiye Timoteyo. ***(2 Timoteyo 1:3-5)***<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 2**<br>**Erekana: Nta FBI yo kwerekana.** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo yavuye i Filipi ajya Tesalonike aho yigishirije mu isinagogi.<br>2. *Vuga ubutumwa yigishije mu isinagogi ya Tesalonike. Vuga kandi ko inyito 'Kristo' isobanura kuba ari Umukiza wasizwe n'Imana.*<br>3. *Tekereza ku ngaruka z'ubwo butumwa.*<br>4. *Reba amagambo akurikira "Abubitse ibihugu byose baje n'ino."* ***(umurongo 6)***<br>5. Nanone Pawulo na Sila, bagombye guhunga nijoro maze bajya i Beroya.<br>6. Abayuda muri Beroya bari batandukanye nabo muri Tesalonike, kandi buri munsi bigaga ibyanditswe. ***(imirongo 11-12)***<br>7. Nyamara hongeye kubaho gutambamirwa maze Pawulo agomba kujya muri Atenayi aherekejwe.<br>8. Gereranya uko Pawulo na Sila babangamiwe no kubangamirwa Abakristo bahura nako mu kwizera kwabo ubu ngubu.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 2**<br>**Erekana: FBI – Pawulo i Tesalonike n'i Beroya (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Mwige Uw'ingenzi maze mujye impaka n'abanyeshuli uko uwo murongo uvuga muri make isomo ry'uyu munsi. | Soma ***Yosuwa 1:8*** uhagereranye n'uw'ingenzi. ***(Ibyakozwe 17:11)*** Ni iki biduha gutekereza gukora nk'Abakristo? |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Gusobanukirwa akamaro ko kugira incuti z'Abakristo.<br>2. Gushaka ubucuti Gikristo.<br>3. Gusengera incuti n'abavandimwe bacu ngo bizere mu Mwami Yesu. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Akamaro ko gusoma Bibiliya tukabishingiraho imyumvire tugira kuri Bibiliya. (reba uw'ingenzi)<br>2. Ni gute kwizera ko Yesu ari Umwami bigira itandukaniro mu buzima bwacu. |

<table>
<tr><th></th><th>A10 – ICYICIRO 3<br>Isomo 3 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Pawulo afunze</th><th>A10 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 3 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Pawulo muri Atenayi no muri Korinto</th></tr>
<tr><td></td><td>Muri Bibiliya: Ibyakozwe 16:16-34<br><br>Uw'ingenzi: Ibyakozwe 16:31<br><br>Tugiye kwiga ko:<br>1. Agakiza kabonerwa mu Mwami Yesu Kristo.<br>2. Abakijijwe barabatizwa.</td><td>Muri Bibiliya: Ibyakozwe: 15-34; 18:1-18<br><br>Uw'ingenzi: Ibyakozwe 17:30-31<br><br>Tugiye kwiga ko:<br>1. Kwihana byategetswe n'Imana.<br>2. Imana izacira urubanza ab'isi.</td></tr>
<tr><td>KUBITANGIRA</td><td>Bwira abanyeshuli inkuru yo gutabarwa. Koresha iyo nkuru usobanura amagambo: 'yarakijijwe', 'Umukiza', 'agakiza'. Shishikariza abanyeshuli kubibwira abandi niba bakijijwe mu buzima bwabo.</td><td>Baza abanyeshuli icyo kwihana bivuga. Koresha 1 Abatesalonike 1:9 nk'ahavuga igisobanuro cyo 'kwihana'. Ganisha ku gitekerezo cyo kugaruka ku Mana nk'Umukiza kandi ko ibyo bisaba gusiga inyuma imibereho yacu ya kera. Ubuhamya bw'abantu bahinduwe n'ubutumwa bwiza buzashyigikira igisobanuro cyo kwihana.</td></tr>
<tr><td>KUBYIGISHA</td><td>Tanga Inkuru ya Bibiliya<br><br>Impaka no Gusobanura:<br>1. Vuga ibyabaye byagejeje ubutumwa mu Burayi. (umurongo 9)<br>2. Muri Filipi ahura n'itsinda ry'abagore basengeraga ku mugezi barimo Ludiya.<br>3. Vuga icyo bisobanura ko Imana yafunguye umutima wa Ludiya. (umurongo 14)<br>4. Mu gihe Pawulo yirukanaga umwuka mubi mu mukobwa waraguraga, we na Sila barangirije muri gereza.<br>5. Habaye umutingito w'isi maze imbohe zose zikurwaho iminyururu. Umurinzi agiye kwiyica abuzwa na Pawulo wamubwiye ko nta numwe wacitse.<br>6. Sobanura neza ikibazo umurinzi yabajije n'igisubizo yahawe na Pawulo. (Ibyakozwe 16:31 )<br>7. Ibande ku butware bw'izina rya Yesu. (umurongo 18)<br>8. Sobanura ko rimwe na rimwe Abakristo bashobora kurengannywa. (umurongo 23)<br><br>Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.<br>Soza Isomo 3<br>Erekana: FBI – Pawulo na Sila bajya i Filipi maze Pawulo na Sila barafungwa (I)</td><td>Tanga Inkuru ya Bibiliya<br><br>Impaka no Gusobanura:<br>1. Pawulo yageze muri Atenayi aba ahatemberera ategereje ko bagenzi be bahagera. Atangazwa n'umubare w'ibigirwamana bihari.<br>2. Mu isoko no mu isinagogi Pawulo atangira kuvuga ibya Yesu.<br>3. Pawulo ajyanwa ahantu bamubaza gusobanura iby'iyo nyigisho nshya.<br>4. Pawulo avuga iby'iyo Mana Nkuru yaremye isi. Ko itari kure ya buri wese. Ariko kandi avuga ko izacira urubanza ab'isi ikoresheje umuntu yagennye akaba yarazutse mu bapfuye.<br>5. Bumvise ibyo kuzuka benshi barabiseka, ariko abandi barizera. Ubwo Pawulo ahita ajya i Korinto<br>6. Hano ahura na Akwila na Purusikila barafatanya. Aguma muri Korinto amezi 18 maze abantu benshi bahinduka kuba abizera.<br>7. Ibyakozwe 18:9 – Imana imwemerera ko muri Korinto, azagira umutekano.<br>8. Ibande ku cyo Pawulo yigisha ku Mana mu mirongo 24-31.<br>9. Tekereza kuri kamere y'urubanza.<br>10. Reba ukuntu abantu bitwaye ku butumwa bwa Pawulo muri Atenayi no muri Korinto.<br><br>Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.<br>Soza Inyigisho 3<br>Erekana: FBI – Pawulo muri Atenayi no muri Korinto (I)</td></tr>
<tr><td>GUSUBIRAMO</td><td>Kora umuyoboro w'inkuru ya Pawulo na Sila muri Filipi</td><td>Gereranya icyo Pawulo yigishije muri Atenayi n'icyo muri Korinto. Ese hari itandukaniro ririmo hagati yabyo? Kuki?</td></tr>
<tr><td>MU BIKORWA</td><td>Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:<br>1. Ku kamaro ko kumenya agakiza mu Mwami Yesu Kristo.<br>2. Ku kuba umwe na Kristo mu mubatizo mu ruhame.</td><td>Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:<br>1. Ku kamaro ko kwihana n'uburyo Abakristo bagomba buri gihe guhindukira ku Mana bareka icyaha.<br>2. Ku kubwira abandi Ubutumwa bwiza n'uburyo umunsi umwe Imana izacira ab'isi urubanza.</td></tr>
</table>

| | A10 – ICYICIRO 3<br>Isomo 4 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Umurwa wa Atenayi | A10 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 4 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Pawulo muri Efeso |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 17:10-34***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 17:30***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Imana ari Imana nzima yaremye isi.<br>2. Imana itegeka abantu bose kwihana.<br>3. Imana izacira ab'isi urubanza ikiranuka. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 19:1-41***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Abefeso 2:8-9***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ijambo n'umurimo w'Imana byakwiriye muri Efeso.<br>2. Izina ry'Umwami Yesu ryashyizwe hejuru. |
| KUBITANGIRA | Baza mu ishuli icyo bazi ku bigirwamana. Babaze icyo ikigirwamana bivuga. Mujye impaka nabo ku mategeko ya mbere abiri mu ***Kuva 20***. Koresha ***1 Abatesalonike 1:9*** uvuga icyo kwihana bisobanura. | Subiramo amasomo yizwe mu Nyigisho 3. Tekereza ku kwihana icyo bivuze mu buzima bwa buri munsi. Komeza igitekerezo ko kwihana bizana guhindura imibereho y'ubuzima. Impaka mu ***Ibyakozwe 19:18-20***. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo yageze muri Atenayi aba ahatemberera ategereje ko bagenzi be bahagera. Atangazwa n'umubare w'ibigirwamana bihari.<br>2. Mu isoko no mu isinagogi Pawulo atangira kuvuga ibya Yesu.<br>3. Pawulo ajyanwa ahantu bamubaza gusobanura iby'iyo nyigisho nshya.<br>4. Pawulo avuga iby'iyo Mana Nkuru yaremye isi. Ko itari kure ya buri wese. Ariko kandi avuga ko izacira urubanza ab'isi ikoresheje umuntu yagennye akaba yarazutse mu bapfuye.<br>5. Bumvise ibyo kuzuka benshi barabiseka, ariko abandi barizera. Ubwo Pawulo ahita ajya i Korinto<br>6. Ibande ku cyo Pawulo yigishije ku Mana. ***(umurongo 24 -31)***<br>7. Ibande ku cyo kuzuka kwa Yesu bivuga. ***(umurongo 31)***<br>8. Impaka ku buryo bifashe ku nyigisho ya Pawulo. ***(imirongo 32-34)***<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 4**<br>**Erekana: FBI – Pawulo muri Atenayi (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Ubu Pawulo agiye muri Efeso aho ahuye n'abigishwa batigeze bakira Umwuka Wera.<br>2. Sobanura impamvu byabaye ngombwa ko Pawulo abatiza abigishwa ba Yohana.<br>3. Nyuma ko Abayuda bongera kwanga inyigisho ya Pawulo mu isinagogi ajya mu cyumba cy'isomero aho yamaze imyaka ibiri.<br>4. Imana ikora ibitangaza bikomeye muri Pawulo. ***(umurongo 11)*** kuba haragaragaye imbaraga z'Umwuka Wera muri Pawulo benshi barizera maze babihamya ku mugaragaro. Vuga icyo bakoze.<br>5. Muri make vuga ibyabaye byateye intugunda muri Efeso. ***(imirongo 23-41)***<br>6. *Sobanura icyo amagambo 'Ubwami bw'Imana " bivuga'.* ***(umurongo 8)***<br>7. *Vuga ukuntu Ijambo ry'Imana ryaganje muri Efeso.* ***(umurongo 20)***<br>8. *Vuga ukuntu Abakristo bashya bagomba kwifata ku migenzereze n'akamenyero kabo ka kera.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 4**<br>**Erekana: FBI – Pawulo muri Efeso, n'Abacuzi bo muri Efeso batera intugunda zimurwanya (I)** |
| GUSUBIRAMO | Mu matsinda muvuge uburyo ubutumwa Gikristo bwatangwa aho mutuye. Bitange mu gikorwa cy'ivugabutumwa. | Kora ikarita yitwa 'Ubutumwa bwiza bugera muri Efeso' Andika inkuru mu kinyamakuru cy'ibyabaye bivugwa mu ***Ibyakozwe 19***. |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Kubwo kwihana k'umuntu. Bisobanura iki guhindukirira Imana uva mu cyaha?<br>2. Ku kamaro k'ivugabutumwa. Ni gute dushobora kubwira abandi ubutumwa bw'Inkru Nziza? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Ukwizera Gikristo kuzwi kuba ari nk' 'Inzira'. ***(umurongo 9)*** Bisobanura iki? Ni gute biduha gutekereza gukora?<br>2. Ni ayahe masomo afatika twigira ku kazi kacu gasanzwe n'ibikorwa by'umutegeka w'umurwa mu ***mirongo 35-41***? |

| | A11 – ICYICIRO 3<br>Isomo 1 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Kuganira n'abandi | A11 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 1 – Urubanza rwa Pawulo<br>Icyigwa – Yerusalemu n'imbaga nyamwinshi |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 18:1-11***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 18:9-10***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Pawulo aho yajyaga hose ubutumwa bwe bwari uko Yesu ari Kristo.<br>2. Imana iba hamwe na Pawulo iramukomeza Imuha iyerekwa. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 21:17-40; 22:1-30***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 22:14 na 15***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Pawulo amaze gufatirwa mu Rusengero atanga ubuhamya kuri rubanda.<br>2. Abayuda ntibishimiraga ko Abanyamahanga bakiriye Inkuru nziza bakayemera.<br>3. Pawulo yitabaza ko ari Umuroma mugihe batangiye kumukubita. |
| KUBITANGIRA | Bwira abanyeshuli inkuru y'ibyakubayeho ugakomezwa n'Imana. Muvuge ku kamaro ko gukomezwa mu buzima Gikristo. Saba abanyeshuli kuvuga ugukomezwa bahawe. | Muri make vuga uko Pawulo yabangamiwe ageze i Yerusalemu. Koresha urubuga ruvuga iby'abahowe Imana … utange ingero z'Abakristo batagize ubwoba bwo kubabarizwa guhamya Kristo. Baza abanyeshuli impamvu Umukristo agira gutyo. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo agera i Korinto, ahasanga Akwila na Purisikila barafatanya.<br>2. Uko bisanzwe buri Sabato yajyaga mu isinagogi akemeza Abayuda ko Yesu ari Mesiya bari bategereje.<br>3. Abayuda babirambiwe akomanga ku wundi muryango maze ubwo abwiriza Abanyamahanga. Benshi barizera barabatizwa.<br>4. ***18:9*** – Imana imwizeza ko izabana nawe muri Korinto, kandi ko azatekana. Sobanura ukuntu Pawulo yakomejwe nabyo.<br>5. *Ibande ku kuntu Pawulo yakwirakwije ubutumwa.* ***(imirongo 4 na 11)***<br>6. *Reba ukuntu Ijambo ry'Imana ryakwiriye muri Korinto nuko umubatizo ari ingenzi.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 1**<br>**Erekana: FBI – Pawulo muri Atenayi no muri Korinto (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo ageze muri Yerusalemu ajya mu Rusengero. Bamubeshyera ko yinjije Umunyamahanga mu Rusengero maze haba umuvurungano.<br>2. Yatabawe n'umutware w'abasirikare ba Roma maze yemererwa kubwira imbaga ahagaze ku madarage y'ikigo.<br>3. Pawulo atanga ubuhamya busobanutse. ***(22:1-21)*** Mu gihe avuze ko yoherejwe ku Banyamahanga, haba indi myivumbagatanyo<br>4. Agarurwa mu kigo kandi baba baramukubise bikabije bashaka kumwemeza icyaha iyo ataza kuvuga ko afite ubwene gihugu bwa Roma.<br>5. Ibande ku mpamvu Pawulo yagiye mu Rusengero.<br>6. Kandi wibande ku muzi wo guhinduka kwa Pawulo.<br>7. Vuga impamvu imbaga yarwanyaga Pawulo.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 1**<br>**Erekana: FBI – Pawulo afatiwe i Yerusalemu.** |
| GUSUBIRAMO | Subiramo inkuru mu buryo bw'umukoro. | Pawulo yabaye umunyamakenga mu gihe yinjiraga mu Rusengero muri Yeusalemu? Mujye impaka. |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Soma ***Zaburi 23*** maze utekereze ukuntu amasezerano y'Imana ku kubana natwe adukomeza nk'Abakristo.<br>2. Reba uburyo dushobora gukomeza abandi tuba kumwe nabo. Kubikora. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Buri munsi Abakristo barafungwa mu isi. Tegura igihe cyo gusenga, utekereza ku Bakristo batotezwa.<br>2. Saba abanyeshuli gusubira mu byo bakoze mu cyumweru barebe aho batakoresheje umwanya babonye mu guhamya Kristo. Babwire gusaba Imana kubafasha no kubakomeza mu kuba indahemuka, guhamya mu minsi iri imbere. |

| | A11 – ICYICIRO 3<br>Isomo 2 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Umugambi wo kumwica | A11 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 2 – Urubanza rwa Pawulo<br>Icyigwa – Kayisari n'Abatware bakuru |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 23:10-24; 24:22-27***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Zaburi 18:30***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Imana yakomeje Pawulo ubwo Abayuda bari bagiye kumwica.<br>2. Pawulo anafunzwe yakomeje kwigisha Ijambo ry'Imana mu budahemuka. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 23:23-26; 24:1-27; 25:1-12***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***1 Petero 3:15***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Pawulo kubwo kurindwa yajyanywe i Kayisariya, asaba kuburanira kuri Kayisari.<br>2. Aho yaburaniye hose, Pawulo yigishaga ku gukiranuka, kwirinda n'urubanza ruzaba. ***(24:25)*** |
| KUBITANGIRA | Ibutsa abanyeshuli imbaraga z'ubwami bwa Roma mu gihe cya Pawulo. Sobanura icyo ingabo ari cyo. Erekana igishushanyo cy'umusirikare wa Roma mu bihe by'isi Ubugereki -Roma. Shishikaza abanyeshuli kwiga Umurongo w'ingenzi – ***Zaburi 18:30***. | Vuga uburyo Martin Luther yimariye Kristo cyane Nuburyo yitwaye imbere yabami muri 1521. Reba ibi Luter yavuze: "Keretse nemejwe n'Ibyanditswe n'umutima w'ubwenge wose … umutima nama wanjye ubohewe ku Ijambo ry'Imana. Sinashobora kandi ntacyo nakwemera kurwanya umutima nama cyaba ari ukuri cyangwa kizima Mana mfasha." Ibi bikoreshe werekana ibyo Pawulo yabayemo. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo yazanywe imbere y'inama nkuru y'idini y'Abayuda. (Sanhedrin – n'izina ry'Igiheburayo ry'inama nkuru: yahuzaga abakuru bicyubagiro 70.)<br>2. Habaho urusaku rwinshi kuko Pawulo yari avuze ukuzuka, bamwe barabyemera abandi barabihinyura. ***(23:9)***<br>3. Pawulo yari amerewe nabi atabarwa n'umutware mu ngabo za Roma.<br>4. Iryo joro Umwami ahagarara imbere ya Pawulo amubwira kugira ubutwari kuko azajya i Roma gukwiza Ubutumwa bwiza.<br>5. Bamwe mu Bayuda bahigira kutagira icyo barya cyangwa banywa Pawulo atarapfa maze bamugambanira kumwica.<br>6. Mwishywa wa Pawulo yumvise uwo mugambi abibwira umutware mu ngabo nawe arinda Pawulo amujyana i Kayisariya.<br>7. Pawulo agezwa imbere y'umutegeka mukuru wa Roma, Fesito maze yongera kuvuga Ubutumwa bwiza.<br>8. *Ibande ko ubutumwa Pawulo yabwiye Feliki hari icyo butubwira ubu ngubu.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 2**<br>**Erekana: FBI – Pawulo afatiwe i Yerusalemu, na Pawulo aburana imbere ya Fesito (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo arindwa ajyanwa i Kayisariye agezwa imbere y'umutegeka mukuru Feliki.<br>2. Maze haba urubanza imbere ya Feliki aho abakuru b'Abayuda bamureze guhumanya Urusengero no guteza imvururu.<br>3. Pawulo asubiza abamurega, kandi agirana n'ikindi kiganiro na Feliki aho yamubwiraga neza ku kwizera muri Kristo Yesu. ***(24:24)***<br>4. Pawulo agumishwa muri gereza kugeza ubwo haje kwimikwa undi mutegeka mukuru.<br>5. None Pawulo agejejwe imbere ya Fesito nanone abakuru b'Abayuda baramurega. Pawulo yanga kujya i Yerusalemu asaba kuzaburanira kuri Kayisari maze Fesito amubwira ko azajya i Roma.<br>6. *Muvuge uko Pawulo yireguye imbere ya Feliki.*<br>7. *Reba impamvu Feliki yatinyishijwe n'inyigisho ya Pawulo. (24:25)*<br>8. *Tekereza ku mpamvu Pawulo yasabye kuburanira kuri Kayisari n'icyo ibyo bisobanura.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 2**<br>**Erekana: FBI – Pawulo aburana imbere ya Fesito (I)** |
| GUSUBIRAMO | Andika icyayoboye Pawulo buri munsi cyitwa: 'Tegereza isezerano ry'Imana'. | Kora ikarita yitwa 'Pawulo yemarariye Yesu Kristo.' |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Tekereza ku isezerano Pawulo yahawe n'Imana nijoro. Ese hari uwahagarika iri sezerano ntiribe ukuri? Ibyo bidukomeza gute uyu munsi?<br>2. Feliki aratinya agira ubwoba yumvise Ijambo ry'Imana. ***(Ibyakozwe 24:25)*** Ese utinyishwa n'Ijambo ry'Imana? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Soma utekereze kuri ***2 Timoteyo 2:3***. Kora urutonde rwo kubabazwa twakorewe nk'Abakristo. Iruhande rw'urwo rutonde wandike ukuntu Imana yadukomeje ikadukura mu bihe bigoye.<br>2. Pawulo yakoresheje kuba afite ubwene gihugu bwa Roma ngo bimufashe gukwiza Ubutumwa bwiza. Ni gute dukoresha imyanya y'ubutoni dukwiza Ubutumwa? |

| | A11 – ICYICIRO 3<br>Isomo 3 – Ingendo za Pawulo<br>Icyigwa – Imbere y'umwami | A11 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 3 – Urubanza rwa Pawulo<br>Icyigwa – Kayizariya n'umwami |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 25:13-22; 26:13-32***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 26:22***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ubu Pawulo agomba kwiregura imbere ya Fesito.<br>2. Umwami Agiripa abwirijwe kuba Umukristo. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 25:13-27; 26:1-32***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 26:28***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Imana yinjiye mu bya Pawulo. Fesitusi abonye Pawulo adakwiriye kwicwa, mugihe Agiripa atekereza ko yarekurwa.<br>2. Pawulo aravuga yeruye ubutumwa bw'Inkuru nziza ashaka kwemeza Agiripa kuba Umukristo. |
| KUBITANGIRA | Baza abanyeshuli uko batekereza ko umuntu yaba Umukristo? Sobanura ko abantu bataba Abakristo ku gahato. Muvuge akamaro ko kwemeza abantu kuba Abakristo. Mu byo wabonye tanga ingero z'ukuntu rimwe na rimwe bahatirwa gukora ibintu bagakomeza kumva ko babikoze babihatiwe. | Vuga ku buryo bwo kubangamirwa ukwizera kwacu Gikristo gushobora guhura nako. Ni gute abanyeshuli babona ibyo? Tekereza ku masezerano yahawe abigishwa ba Kristo muri ***Luka 21:12-15***. Reba ukuntu yasohozwa muri iyi nyigisho. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo yafunzwe imyaka ibiri. Ubu himye umutegeka mukuru mushya Fesito. Abayuda bashatse ko Pawulo yoherezwa i Yerusalemu, ariko Pawulo avuga ko ajuririye kuburanira i Roma.<br>2. Umwami Agiripa n'umugore we Berenike bageze i Kayisariya bashaka kumva ibya Pawulo wari ufunzwe.<br>3. Pawulo azanwa imbere ya Agiripa.<br>4. Pawulo amusobanurira inkuru y'ubuzima bwe. ***(26:1-23)***<br>5. Fesito avuga ko asaze! Agiripa yatura ko ashaka kumwemeza kuba Umukristo. Bombi bemera ko Pawulo yarekurwa ariko kuko yari yajuririye kuri Kayisari yagombaga kujya i Roma.<br>6. *Ibande ku kwiregura kwa Pawulo imbere ya Fesito n'iteka yaciye.* ***(26:24-25)*** *reba kandi ukuntu Pawulo yashakaga kwemeza Agiripa kuba Umukristo.*<br>7. *Tekereza ku buryo Pawulo yasubije ukwatura kwa Agiripa.* ***(26:29)***<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 3**<br>**Erekana: FBI – Pawulo aburanira imbere ya Fesito na Agiripa (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Pawulo yafunzwe imyaka ibiri. Ubu himye umutegeka mukuru mushya Fesito. Abayuda bashatse ko Pawulo yoherezwa i Yerusalemu, ariko Pawulo avuga ko ajuririye kuburanira i Roma.<br>2. Umwami Agiripa n'umugore we Berenike bageze i Kayisariya bashaka kumva ibya Pawulo wari ufunzwe. Pawulo azanwa imbere ya Agiripa.<br>3. Pawulo amusobanurira inkuru y'ubuzima bwe. ***(26:1- 23)***<br>4. Fesito avuga ko asaze! Agiripa yatura ko ashaka kumwemeza kuba Umukristo. Bombi bemera ko Pawulo yarekurwa ariko kuko yari yajuririye kuri Kayisari yagombaga kujya i Roma.<br>5. *Ibande ku kwiregura kwa Pawulo imbere ya Fesito n'iteka yaciye.* ***(26:24-25)*** *reba kandi ukuntu Pawulo yashakaga kwemeza Agiripa kuba Umukristo.*<br>6. *Tekereza ku buryo Pawulo yasubije ukwatura kwa Agiripa.* ***(26:29)***<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 3**<br>**Erekana: FBI – Pawulo aburanira imbere ya Fesito na Agiripa (I)** |
| GUSUBIRAMO | Kora urupapuro runini rw'Itorero rwitwa: 'Nkaho yemejwe?' | Tekereza ku nyigisho maze mujye impaka kubivuzwe ngo: 'Kwemezwa biruta cyane guhatirwa'. Ibi bivuzwe bihuriye he n'ibyo twabonye mu nyigisho? |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Reba uko imikorere y'ivugabutumwa ya Pawulo muri iki gice iduha gutekereza gukora. Ni iki twatunganya kuri twe muri iyi mikorere?<br>2. Ikiganiro mu ishuli, umwe mu banyeshuli agerageza kwemeza undi kuba Umukristo. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Erekana imyifatire itandukanye y'ubutegetsi bw'Abayuda n'ubwa Roma ku butumwa bw'Inkru Nziza mu gitabo cy'Ibyakozwe. Ni ayahe masomo dukuramo ku myifatire y'abantu ku Butumwa bwiza?<br>2. Reba uko isomo ry'uyu munsi riduha gutekereza ku mikorere yacu yo kuvuga Ubutumwa bwiza. |

| | **A11 – ICYICIRO 3**<br>**Isomo 4 – Ingendo za Pawulo**<br>**Icyigwa – Ubwato burengerwa** | **A11 – ICYICIRO 4**<br>**Inyigisho 4 – Urubanza rwa Pawulo**<br>**Icyigwa – Ubwato burengerwa muri Mediteraneya** |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 27:13-14, 20-44; 28:1-9***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 27:25***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Imana yadusezeranije kudufasha muri byose duhura nabyo mu buzima.<br>2. Imigambi y'Imana buri gihe irasohora. | **Muri Bibiliya:** ***Ibyakozwe 27:1-44; 28:1-10, 28-31***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Ibyakozwe 27:24-25***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Imana igenzura cyose duhuye nacyo mu buzima kandi yasezeranije kubidufashamo.<br>2. Kwanga Ubutumwa bwiza kwa bamwe bituma haba umwanya wo kubugeza ku bandi. |
| **KUBITANGIRA** | Baza abanyeshyli niba barigeze bahura n'umuraba. Menya niba barigeze basenga Imana ngo ibakize. Bisanishe no kurengerwa kw'ubwato Pawulo yari arimo. | Muvuge ku gitekerezo cyo kugira ubwoba. Ubaze abanyeshuli kuvuga ku bwoba bukomeye bagira. Reba akamaro k'amasezerano y'Imana mu bihe by'ubwoba nk'ibyo. ***(Zaburi 23:4)*** |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Ubu Pawulo ari mu rugendo ajya i Roma. Pawulo ababurira kudakomeza urugendo mu itumba ariko ntihagira umwumva.<br>2. Haba umuraba ukomeye wamaze iminsi myinshi. Nijoro Pawulo arerekwa abwirwa ko mu bwato nta numwe uzapfa. Amenyesha buri wese ko yizera Imana kandi ko ibyo byose bizaba uko yabibwiwe.<br>3. Byabaye ko bagera i Melita, basiga ubwato bagera ku butaka bose 276 ari bazima.<br>4. Abari batuye i Melita bari abantu beza, kandi Pawulo yakoze ibitangaza kuri icyo kirwa.<br>5. *Ibande ku kuntu Imana yakomeje Pawulo mu gihe cy'umuraba.*<br>6. *Ibande k'ukuntu Abakristo nabo bagerwaho n'ibibakomereye.*<br>7. *Reba ukuntu iyo tugeze mu miraba y'ubuzima, dushobora nanone kubona ko turi kumwe n'ububasha bw'Umwami.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 4**<br>**Erekana: FBI – Ubwato bwa Pawulo burengerwa (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Ubu Pawulo ari mu rugendo ajya i Roma. Bagize ingorane i Kirete none Pawulo ababuriye kudakomeza urugendo mu itumba ariko ntihagira umwumva.<br>2. Haba umuraba ukomeye wamaze iminsi myinshi. Abasare babona nta numwe uzarokoka.<br>3. Nijoro Pawulo arerekwa abwirwa ko mu bwato nta numwe uzapfa. Amenyesha buri wese ko yizera Imana kandi ko ibyo byose bizaba uko yabibwiwe. Bamaze iminsi 14 batarya Pawulo abatera umwete bararya batangira kwegera ubutaka.<br>4. Bagera hafi ya Melita bahunga bava mu bwato bose 276 bagera ku cyambu ari bazima.<br>5. Abari batuye i Melita bari abantu beza, kandi Pawulo yakoze ibitangaza kuri icyo kirwa.<br>6. Byabaye ko bagera i Roma, maze Pawulo afunze aba mu nzu ye ashobora kubona umwanya wo kubwira abantu iby'Umwami Yesu.<br>7. *Ibande ku kuntu Imana yakomeje Pawulo mu gihe cy'umuraba.*<br>8. *Ibande k'ukuntu Abakristo nabo bagerwaho n'ibibakomereye.*<br>9. *Reba ukuntu iyo tugeze mu miraba y'ubuzima, dushobora nanone kubona ko turi kumwe n'ububasha bw'Umwami.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 4**<br>**Erekana: FBI – Ubwato bwa Pawulo burengerwa (I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Bwira abanyeshuli gutekereza kuba Pawulo. Babwire kwandikira ibaruwa incuti iri mu bibazo ubasabe babisanisha n'uburyo Imana yabakuye mu miraba y'urugendo rw'i Roma ngo bikomeze iyo ncuti yabo. | Soma ***2 Abakorinto 11:21-33*** na ***2 Timoteyo 4:16-18***. Impaka n'abanyeshuli ku kuntu ibyo bice byombi bifite icyo bihuriyeho. |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Baza ukuntu ukurengerwa k'ubwato bwa Pawulo gutuma dukomezwa.<br>2. Ni ayahe masomo dukura mu zindi nkuru za Bibiliya z'ukuntu Imana yakuye abantu mu bihe by'ibyago nka Yosefu, Daniyeli n'abandi… Senga ushimira Imana ko idukiza mu buzima bwacu. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Tekereza ku byabaye kuri Pawulo wize maze ubuhe ukuntu ubudahemuka bw'Imana burabagirana mu buzima bwe.<br>2. Reba igisobanuro cy'ijambo 'kudatezuka'. Bigaragara gute mu buzima bwa Pawulo? Saba abanyeshuli kwigereranya na Pawulo muri byo. |

| | A12 – ICYICIRO 3<br>Isomo 1 – Noheli ya mbere<br>Icyigwa – Ibidashoboka! | A12 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 1– Kuvuka k'Umukiza<br>Icyigwa – Ubutumwa bwa malayika |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Luka 1:5-20, 57-66***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Luka 1:37***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Zakariya na Elizabeti ni umusaza n'umukecuru amasengesho yabo yasubijwe n'Imana.<br>2. Nta kidashobokera Imana. | **Muri Bibiliya:** ***Matayo 1:18-25 na Luka 1:26-38***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Matayo 1:21***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Kuvuka kwa Yesu kwahanuwe na malayika wavuze iby'ingenzi bizaba mu buzima bwe.<br>2. Mariya nawe yabwiwe ko agiye gutwita inda y'Umwuka Wera. |
| KUBITANGIRA | Vuga uko rimwe na rimwe abantu bagomba gutegereza ngo babone igisubizo cy'Imana ku masengesho yabo. Sobanura ibya Zakariya na Elizabeti uko bategereje igihe kirekire ngo basubizwe bisa nkaho bitagishobotse. | Tekereza uburyo ibikomeye bibaye ku isi bitangazwa vuba ku isi ako kanya bibaye. Nyamara ntawe uba wabihanuye mbere y'uko biba. Nyamara yabishobora! Yosefu na Mariya bombi bahawe ubutumwa bw'Imana ku kuvuka k'Umwami Yesu mbere y'uko avuka. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Sobanura ko Zakariya na Elizabeti bashakaga kubyara abana. Ibutsa abanyeshuli uko mu bihe bya Bibiliya Iburasirazuba bwo hagati, iyo abashakanye batabyaraga bagiraga isoni n'akababaro.<br>2. Zakariya, nk'umutambyi yatoneshejwe no gukora mu Rusengero.<br>3. Malayika aramubonekera maze Zakariya agira ubwoba. Malayika amubwira ko Elizabeti azabyara umwana uzaba ukomeye mu maso y'Uwiteka kandi akazategura abantu kwakira Umwami. ***(Luka 1:17)***<br>4. Zakariya avuga ko ashaje ku buryo atabyara abana. Malayika amubwira ko kuko atizeye Ijambo ry'Uwiteka agobwa ururimi kuzageza ibyo bibaye.<br>5. Ubwo umwana yavukaga Elizabeti avuga ko izina rye ari Yohana kandi Zakariya abyemeza aryandika. Akibikora ako kanya aravuga,yuzuzwa Umwuka Wera ahanura ibyo Yohana azakora<br>6. *Reba uko abaturanyi babyifashemo, n'ibindi…* ***(1:65-66)***<br>7. *Hanganisha uburyo Elizabeti yifashe ku butumwa bwa malayika n'uko Zakariya yifashe.Ni iki twakwigira kuri byo?*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 1**<br>**Erekana: FBI – Kuvuka kwa Yohana Umubatiza (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Yosefu yari yarasabye Mariya. Maze Mariya abona ubutumwa bwa malayika ko agiye kubyara umuhungu, ku bw'inda y'Umwuka Wera.<br>2. Yosefu abimenye ashaka kutazamurongora. Ariko mu nzozi abwirwa ibyo kuvuka k'Umwana, impamvu azavuka, n'ubuhanuzi buzasohozwa n'ivuka rye.<br>3. Yosefu na Mariya bombi bemera ubutumwa bahawe, kandi nk'uko Yosefu yabibwiwe yita umwana izina Yesu 'kuko azakiza abantu be ibyaha byabo'.<br>4. *Reba ibibazo bitatu: a) Kuki Yesu yasamwe ku buryo bw'igitangaza cy'Umwuka Wera aho kuba inzira zisanzwe? b) Kuki Mariya na Yosefu batoranijwe kuba ababyeyi be ku isi? (Reba urutonde rw'amasekuruza yabo - Matayo 1 na Luka 3) c) Kuki Imana yahisemo kohereza Umwana wayo w'ikinege mu isi?*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 1**<br>**Erekana: FBI – Kuvuka kwa Yesu (I)** |
| GUSUBIRAMO | Ca akarongo munsi ya "Ibidashoboka byarashobotse" emera abana bandike ibintu bibaho ubu (by'ingero zihariye zikuwe muri Bibiliya) n'ubwo batekerezaga ko bidashoboka. Andika hasi ngo :Urakoze Mana! | Ni iki wakura mu nyigisho y'uyu munsi ushyira mu bikorwa? Kuza k'Umwami Yesu bisobanura iki kuri twe? Tegura amasengesho yo gushimira ibyo Imana yakoze byose yohereza Umwana wayo. ***2 Abakorinto 9:15*** |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Ni iki mwamenye gikuwe muri iyi nyigisho?<br>2. Utekereza ko abamalayika babonekera abantu ubu? Kuki / kuki batababonekera? | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>1. Hari ubwo Imana yakubwiye cyangwa uzi uwo yabwiye ikintu kigoye kumvikana no kwemera?<br>2. Ni ubuhe buhanuzi twasomye muri Bibiliya bwasohojwe ubwo Umwami Yesu yazaga? |

| | **A12 – ICYICIRO 3**<br>**Isomo 2 – Noheli ya mbere**<br>**Icyigwa – Umurimo udasanzwe** | **A12 – ICYICIRO 4**<br>**Inyigisho 2 – Kuvuka k'Umukiza**<br>**Icyigwa – Itegeko ry'umwami** |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Luka 1:26-38***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Luka 1:38***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Mariya na Yosefu bari umuryango wihariye, Imana yakoresheje bidasanzwe.<br>2. Ivuka rya Yesu, Umwana w'Imana, ryabaye igitangaza. | **Muri Bibiliya:** ***Luka 2:1-7***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Luka 2:7***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Ingoma ya Roma yategekwaga n'abami bitwa Abakayisari.<br>2. Ku itegeko ryaciwe iteka na Kayisari, Mariya na Yosefu bagombaga kujya i Betelehemu kwiyandikisha. Ibyo byasohoje ubuhanuzi bw'I. K. |
| **KUBITANGIRA** | Tekereza ko kimwe mu bikorwa iyo umwana yavutse ari ukumwita izina. Yesu afite inyito cyangwa amazina menshi. Reba muri byose bivugwa ku kuvuka kwa Yesu muri ***Luka 1 na 2***, no muri ***Matayo 1 na 2*** ukore urutonde rw'amwe muri ayo mazina. Ni irihe ukunda kuruta ayandi kandi kuki? | Mu matsinda mato mwandike amazina y'ahantu havugwa mu byo twasomye muri Bibiliya. Mubikore no ku mazina y'abantu. Genzura igisubizo cyawe usoma nanone muri Bibiliya. |
| **KUBYIGISHA** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Mariya yari inkumi yari yarasabwe na Yosefu.<br>2. Asurwa na malayika Gaburiyeli maze atinyishwa no kumva Imana yamutonesheje cyane.<br>3. Malayika amubwira ko agiye kubyara umwana akazamwita Yesu. Ni Umwana w'Isumba byose kandi azima ubwami bwa sekuruza Dawidi.<br>4. Mariya biramuyobera kuko yari akiri isugi, ariko amusobanurira ko azatwita inda y'Umwuka Wera.<br>5. Igisubizo cya Mariya kiratangaje rwose. Ati: "Ibyo uvuze bingirirweho."<br>6. *Tekereza ibintu byanyuze mu bwenge bwa Mariya mu gihe malayika yamubwiraga ko yatoneshejwe cyane kandi ko agiye gutwita. Reba kandi imirongo 46 na 47.*<br>7. *"Nta kidashoboka ku Mana." Tekereza ku bana muri Bibiliya bavutse mu buryo bidashoboka ku bantu.*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 2**<br>**Erekana: FBI – Kuvuka kwa Yesu (P na I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Mariya na Yosefu bombi bakomokaga ku Mwami Dawidi, bityo itegeko risohotse ryo kwiyandikisha bagombye kujya i Betelehemu.<br>2. Hari ibilometero hafi 118 kandi urugendo rwari rugoye kuri Mariya wari utwite. I Betelehemu hari haje abantu benshi ku buryo bagombye gucumbika ku kiraro cyangwa inzu yo hasi.<br>3. Aho ni ho Yesu yavukiye mu buryo bworoheje bw'abakene.<br>4. Tekereza ku bintu byabaye kugira ngo Yesu avukire i Betelehemu nk'uko Mika yabivuze, kandi utangazwe n'ububasha bw'Imana bwatumye ibyo byose biba. ***(Mika 5:2)***<br>5. Soma ***Yohana 3:16***, na ***Abagalatiya 4:4*** maze utekereze ku bisobanuro by'iyo mirongo kugira ngo bifashe buri wese kumenya ibyo bikomeye byabaye.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 2**<br>**Erekana: FBI – Kuvuka kwa Yesu (P na I)** |
| **GUSUBIRAMO** | Subiza ibi bibazo:<br>1. Ni irihe zina rya malayika?<br>2. Ni gute Mariya yifashe kuri iyo nkuru akibyumva?<br>3. Ni gute yumvise ameze nyuma? ***(reba imirongo 46 na 47)*** | Subiza ibi bibazo:<br>1. Vuga umugi uri hafi mu bilometero 118 y'aho utuye.<br>2. Ni gute abanyeshuli bumva bigoye gukora urwo rugendo, n'ubwo baba bataremerewe no gutwita?<br>3. Ni iki gitandukanye ku byaherekeje ivuka rya Yesu ugereranije n'ivuka ry'umwana muri ibi bihe? |
| **MU BIKORWA** | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Mu matsinda mato mwandike amazina y'ahantu hose havuzwe mu gice cya Bibiliya twasomye, maze wandike n'ayo abantu. Genzura urebe niba hari ayo wibagiwe wongera gusoma icyo gice. Tekereza ku bisobanuro bw'ibyo wanditse byose. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Kora inyandiko ukuye mu byo Yosefu yabonaga imbere yitwa: "Akuriwe, Mariya agenda ibilometero 118 mbere y'uko abyara umwana waryamitswe mu kavure k'amatungo." |

| | A12 – ICYICIRO 3<br>Isomo 3 – Noheli ya mbere<br>Icyigwa – I Betelehemu | A12 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 3 – Kuvuka k'Umukiza<br>Icyigwa – Gusurwa n'Abashumba |
|---|---|---|
| | **Muri Bibiliya:** ***Luka 2:1-20***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Luka 2:11***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Wari umugambi w'Imana ko Yesu avukira mu bukene kandi mu bihe biruhije.<br>2. Imana yagenzuraga ibiba byose kandi n'ubu ni uko. | **Muri Bibiliya:** ***Luka 2:8-20***<br><br>**Uw'ingenzi:** ***Luka 2:11***<br><br>**Tugiye kwiga ko:**<br>1. Malayika abonekera abashumba mu gihe bari ku murimo wabo wa buri munsi.<br>2. Bemeye ibyo bumvise ako kanya babishyira mu bikorwa. |
| KUBITANGIRA | Bwira abanyeshuli kuvuga ibyabaye bikomeye mu mateka. Sobanura ko ukuza k'Umwana w'Imana ari ikintu gikomeye cyane. Kora urutonde rwerekana ibyabaye byose muri iki gice. | Mu matsinda mato bakore ikinamico ry'iki gice. Koresha amagambo yoroheje mu kuvuga.. |
| KUBYIGISHA | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Mariya na Yosefu bombi bakomokaga ku Mwami Dawidi bityo hakurikijwe itegeko ryatanzwe bagombaga kujya i Betelehemu.<br>2. Hari mu bilometero 118 kandi rwari urugendo ruruhije kuri Mariya wari utwite agiye kubyara.<br>3. I Betelehemu hari hageze abantu benshi, bagomba gucumbika mu kiraro cyangwa inzu yo hasi. Yesu yavukiye mu bukene mu buryo bworoheje.<br>4. Ivuka ryabaye nijoro kandi abashumba bari mu bantu bari bagikanuye.<br>5. Bahawe inkuru zo kuvuka k'Umukiza – Kristo Umwami.<br>6. Ingabo nyinshi zo mu ijuru zibonekera abashumba ziririmba zisingiza Imana.<br>7. Abashumba bahita bajya I Betelehemu kureba ibyabaye. Basanga Mariya na Yosefu hamwe n'uruhinja.<br>8. Bavuga amakuru y'ibyo babonye ubundi basubirayo bahimbaza Imana bashima.<br>9. *Reba indamukanyo ya mbere malayika yatanze uko yanditse hano n'ahandi muri Bibiliya.*<br>10. *Tekereza uko urugendo rwabereye abo bari bamaze kubana.*<br>11. *Muvuge ku masomo yakurwa mu nkuru y'abashumba*<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Isomo 3**<br>**Erekana: FBI – Abashumba babwirwa ivuka rya Yesu (I)** | **Tanga Inkuru ya Bibiliya**<br><br>**Impaka no Gusobanura:**<br>1. Ivuka ryabaye nijoro kandi abashumba bari mu bantu bari bagikanuye.<br>2. Bahawe inkuru zo kuvuka k'Umukiza – Kristo Umwami.<br>3. Ingabo nyinshi zo mu ijuru zibonekera abashumba ziririmba zisingiza Imana.<br>4. Abashumba bahita bajya I Betelehemu kureba ibyabaye. Basanga Mariya na Yosefu hamwe n'uruhinja.<br>5. Bavuga amakuru y'ibyo babonye ubundi basubirayo bahimbaza Imana bashima.<br>6. *Reba ko Imana muri malayika yabonekeye abo bantu bari ku kazi kabo. Ishobora kutubwira natwe uyu munsi turi mu buzima bwacu bwa buri munsi.*<br>7. Mu gihe twumvise hari icyo Imana yadukoreye twabibwira abandi.<br><br>**Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.**<br>**Soza Inyigisho 3**<br>**Erekana: FBI – Abashumba babwirwa ivuka rya Yesu (I)** |
| GUSUBIRAMO | Subiza ibi bibazo.<br>1. Ni gute utekereza ko abamalayika baramutsa abantu nko mu murongo 10?<br>2. Utekereza ko Imana ivugira mu bamalayika ibwira abantu basanzwe nk'abashumba ubu? Kuki/Kuki itabikora?<br>3. Ni iki wumva cyari mu bitekerezo bya Mariya? ***(umurongo 19)*** | Subiza ibi bibazo.<br>1. Kuki utekereza ko abashumba bihutiye kugenda abamalayika bavuye aho?<br>2. Abamalayika babonye umugisha ko bihutiye kugenda. ***Umurongo 20*** washyirwa mu magambo y'ibihe bya none?<br>3. Ni iki wumva cyari mu bitekerezo bya Mariya? ***(umurongo 19)*** |
| MU BIKORWA | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Ba umushumba. Koresha ***imirongo 8-17*** wandike uvuga icyo wumvise kandi wabonye n'uko wiyumva. | **Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:**<br>Buri munsi andika ibyo Imana ikubwira n'italiki kugira ngo uzajye ubirebaho ukomezwe n'ibyo Imana ikora mu buzima bwawe. |

<table>
<tr><th></th><th>A12 – ICYICIRO 3<br>Isomo 4 – Noheli ya mbere<br>Icyigwa – Mu Rusengero</th><th>A12 – ICYICIRO 4<br>Inyigisho 4 – Kuvuka k'Umukiza<br>Icyigwa – Amaturo y'Abanyabwenge</th></tr>
<tr><td></td><td>Muri Bibiliya: Luka 2:22-40<br><br>Uw'ingenzi: Luka 2:30<br><br>Tugiye kwiga ko:<br>1. Simeyoni na Ana bishimiye ivuka rya Yesu kuko basobanukiwe icyo bivuga.<br>2. Ni ingenzi gushimira Imana ko yohereje Yesu mu isi.</td><td>Muri Bibiliya: Matayo 2:1-23<br><br>Uw'ingenzi: Matayo 2:11<br><br>Tugiye kwiga ko:<br>1. Nubwo abahanga bazanye ubutunzi, Yesu niwe wari ubutunzi bw'ukuri.<br>2. Abo bantu bamenye ko Yesu yari umuntu udasanzwe rwose.</td></tr>
<tr><td>KUBITANGIRA</td><td>Tekereza uko biba bimeze umwana yavutse. Ibyo bitandukanye n'ivuka rya Yesu? Sobanura ko amategeko y'Abayuda yasabaga ababyeyi kujya mu Rusengero kwita umwana izina, kumukeba no gutanga ibitambo byo kwezwa no gushima Imana. (Abalewi 15)</td><td>Tekereza uko biba bimeze umwana yavutse. Tekereza urugendo rukorwa n'umuryango n'incuti bagiye kureba umwana. Vuga ku banyabwenge bakoze urugendo rurerure nk'urwo.Tekereza uko muri iyi nkuru Imana yabaga imbere kuri Satani. Kora urutonde rw'ingero zikuwe muri iki gice.</td></tr>
<tr><td>KUBYIGISHA</td><td>Tanga Inkuru ya Bibiliya<br><br>Impaka no Gusobanura:<br>1. Yesu amaze kuvuka yajyanywe mu Rusengero i Yerusalemu.<br>2. Mariya na Yosefu bombi babwiwe kwita umwana izina Yesu kandi nibyo bakoze! Batanga ibitambo uko amategeko abigena kuri bo.<br>3. Bahuye na Simeyoni wari warabwiwe ko atazapfa atabonye 'Kristo w'Imana'.<br>4. Aterura umwana mu maboko ye ahimbaza Imana kuko yamenye ko Yesu ari Umukiza.<br>5. Bahuye kandi n'umukecuru witwa Ana, nawe washimye Imana 'avuga kuri uwo mwana warebwaga ku bucunguzi bwa Yerusalemu'<br>6. Reba ko Simeyoni na Ana bombi bamenye ko Yesu atari usanzwe rwose.<br>7. Shimira ko ibyo bavuze bizaba kuri Yesu. (reba imirongo 31-32, 34, 35, na 38)<br><br>Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.<br>Soza Isomo 4<br>Erekana: FBI – Simeyoni na Ana bahura n'Umwana Yesu (I)</td><td>Tanga Inkuru ya Bibiliya<br><br>Impaka no Gusobanura:<br>1. Abahanga babona inyenyeri mu Burasirazuba maze kubw'ubumenyi bwabo bemeza ko umwami mushya yavutse bashaka kujya kumuramya.<br>2. Bagera kwa Herode ahantu muri Yerusalemu, bavuga ko umwami yaba ari muri ibyo bice.<br>3. Byateye inkeke Herode atekereza ko haje uwo babangikanye, ariko abantu b'idini bamubwira ibya Mika 5:2 ku kuvuka k'Umwami muri Betelehemu.<br>4. Abanyabwenge bagiye i Betelehemu, bahasanga uwo Mwana, bamutura ubutunzi bwabo baramuramya.<br>5. Baburirwa mu nzozi kudasubira mu nzira bajemo no kutabwira Herode ibyo babonye.<br>6. Yosefu abwirwa guhungisha Mariya n'Umwana bakajya muri Egiputa.<br>7. Herode amenye ko batagarutse ategeka kwica abana b'abahungu bose bafite imyaka munsi y'ibiri muri Betelehemu.<br>8. Yosefu yabwiwe kugaruka ibintu bitekanye nyuma ajya kuba i Nazareti.<br>9. Tekereza ukuntu Imana yari yarateguye ibi byose mbere uko byahanuwe. (Reba verses 5-6, 15, 17-18, na 23)<br>10. Nanone tekereza ukuntu Herode yakoraga umurimo wa Satani.<br><br>Sobanura uw'ingenzi kandi ushishikarize abanyeshuli kuwiga.<br>Soza Inyigisho 4<br>Erekana: FBI – Abanyabwenge basura kandi baramya Yesu (I na P)</td></tr>
<tr><td>GUSUBIRAMO</td><td>Simeyoni yavuze ko azaba umucyo. Mu matsinda mato / babiri tekereza ku byiza umucyo ukora. Ese babona ko ibintu bitandukanye ubu mu nzira y' umurongo 32? Ganisha abanyeshuli gusenga ngo Imana irusheho gutanga umucyo wayo mu buzima bwabo. Bashishikarize gutekereza aho bifatika ko bakeneye gufashwa babisengere.</td><td>Reba impano zatuwe Yesu – Zahabu bivuga ko ari Umwami, Icyome bivuga ko ari Umukiza uzababazwa kandi agapfa, n'ishangi bivuga ko ari Imana yo kuramywa. Reba uko Yesu ari nk'ubutunzi ni impano y'ubuntu k'umwemera wese nk'Umukiza n'Umwami.</td></tr>
<tr><td>MU BIKORWA</td><td>Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:<br>1. Ni iki ukuye muri iri somo cyo gukoresha mu buzima bwawe?<br>2. Ibuka ko agakiza kavuga kuri byose atari ku kintu kimwe gusa kibaye ahubwo ko ubuzima bwose.</td><td>Ni gute iri somo riduha gutekereza gukora:<br>1. Tekereza kucyo dushobora kuzana ku Mwami Yesu nk'ituro.<br>2. Tanga imwe mu ngero/imigani ya buri munsi aho Satani ari 'Umuriganya.' Wirinde imirimo ye.</td></tr>
</table>

# Uko Abigisha bakosora amasomo

**Amasomo y'Icyiciro 3**

- Abanyeshuli ntabwo bashobora kwiga aya masomo batareba ibyatanzwe muri Bibiliya kandi bashobora no gusoma n'indi Mirongo ya Bibiliya.
- Ibibazo biri mu buryo bunyuranye bukubiyemo amagambo asobekeranye n'amagambo abangikanye, amagambo aburamo, n'ibindi.
- Yateguriwe by'umwihariko gusubizwa hakoreshejwe Bibiliya Yera, n'izindi.
- Icy'ibanze kuri twe n'uko abanyeshuli bose, Bibiliya baba bakoresha yose bashobora gusubiza ibibazo. Ibibazo makumyabiri bikosorwa buri cyumweru kugera kuri 80 mu kwezi, mu gihe amasomo akosowe yose. Icyiciro 3 – Ubusanzwe ni umunota 1 kuri buri gisubizo nk'uko bivuzwe.

**Inyigisho z'Icyiciro 4**

- Ni inyandiko zikomeye ku masomo y'Icyiciro 3.
- Ibibazo bigoye n'ibisubizo byabyo birasabwa.
- Mu cyumweru hakosorwa makumyabiri kugera kuri 80 mu kwezi, mu gihe amasomo yujujwe uko bikwiriye, n'ibibazo byose bikaba byasubijwe.

**AMANOTAY'IGIHE CYA BIBILIYA**
**GUTANGA AMANOTA**

Abigisha basabwa bwa mbere:

- Kureba muri buri somo no gutanga amanota ku bisubizo by'ukuri.no ku byakoshejwe. Gutanga amanota akwiriye uko byabwirijwe..
- Buri gihe gukoresha ibara rindi no gushyira AKAMENYETSO kuri buri gisubizo cy'ukuri.
- Gutanga igisubizo cy'ukuri, no gukosora imyandikire, n'ubwo aho hadakurwaho amanota.
- Gutanga igice cy'amanota ku bisubizo bituzuye neza.
- Guteranya amanota yose no kuyandika ku rupapuro ahabigenewe.

'Ni ngombwa kugira ubuntu no kugwa neza no gukora byose mu gutera umwete abanyeshuli mu buryo bushoboka mu kwiga Bibiliya kwabo.Bizafasha ubwo buri kwezi uwigisha azashobora kwandika akajambo gatera umwete umunyeshuli kandi hari umwanya watanzwe mu rupapuro rw'isomo aho kubyandika. Icyo ubivugaho bishobora gukorwa ku mabara yasizwe neza, ku manota meza umunyeshuli yabonye byerekana ko yumvise isomo neza, n'ibindi.

Tugerageze kugira icyo tubivugaho mu buryo bunyuranye. Ibibazo, ibivugwa, ibyerekanwa, ugutera umwete n'ibindi, byose bishobora gukoreshwa kugira ngo tunyuranye. Bisaba gutekereza, ariko ni ngombwa gushishikaza umunyeshuli. Niba ibivugwa cyangwa ikibazo gihora kigaruka buri kwezi, bita agaciro.

**ICYICIRO 3**
**Icyo kuvuga muri rusange**

"Wakoze neza Cyane! Rwose wasomye ibibazo ubyitondeye. Nifuzaga ko usubiza ikibazo cya nyuma uko cyatanzwe."
"Uraho Yonatani. Warakoze ku murimo ukomeye wakoze. Bizaba byiza niwasubiza ibibazo byose. Hari ibyo nujuje wari waribagiwe."

**Ibivugwa by'umwuka**

"Mose hari ubwo yagize ibihe bigoye ku bana ba Isirayeli, ariko Imana ntabwo yamuretse wenyine gusohoka muri ibyo bibazo byose ubwe." "Yosefu ntiyigeze yibagirwa ko se yamutoje gukunda Imana. Ibyo yarabyibutse no mu gihe yari kure y'iwabo." "Barutimayo yari yiyemeje kwegera Umwami Yesu. Ntabwo yakozwe n'ikimwaro kuko yashoboye kureba maze abona ko Umwami Yesu ari umuntu rwose udasanzwe."

**ICYICIRO 4**
**Icyo kuvuga muri rusange**

"Andi masomo meza cyane. Usa n'uzi neza iby'izo nkuru zo muri Bibiliya kandi ndizera rwose ko wazishimiye. Urakoze gufata igihe cyo kwiga amasomo ubyitondeye. Bizakorohera kuyakoresha, bityo rero ndashima umuhate wawe wose."
"Wagerageje neza cyane Rasheli. Ndatekereza ko ku bw'ibisubizo byawe, ushobora kuba utarasobanukiwe neza, ariko uzagerageze kongera kuzisoma."

**Ibivugwa by'umwuka**

"Imigani rimwe na rimwe yitwa inkuru z'isi hamwe n'ijuru, cyangwa imbyimbitse bisobanuwe. Ushobora gutekereza ku bisobanuro byimbitse mu migani yo mu nyigisho 3?" "Sitefano yapfuye urupfu rw'ubugome, ariko kandi ntiyigeze agira ubwoba bwo gupfa, kuko yari azi Ko Imana ibireba kandi aza kuba hamwe n'Umwami Yesu mu Ijuru.

© Bible Educational Services 2019

www.besweb.com

Registered Charity UK 1096157

RW - 11/2019